# Kugerageza Gukorera Imana Umurimo Bitari Ubushake Bwayo

Shreveport, Louisiana USA
27 Ugushyingo 1965

1 Babwiriza benedata, na mwe nshuti aho hanze, ndavuga ko ari amahirwe kuba hano muri iki gitondo. Kwakirwa nka gutya, nibaza, niba nashobora kugera ku rwego nkuru avuze.

Ariko igihe twicaye aho tuganira, Mwenedata Noheli na Njye, ntabwo nigeze mpura n'umuntu nka gutyo… Twese turemwe mu buryo bumwe, ariko turemwe n'Imana imwe. Kimwe na Mwenedata Jack Moore, yari nyakuri… Mwenedata Noheli yarimo avuga, " Guhera igihe nabereye aha hamwe na we..."Uwo ni umukwe we, n'uburyo yize kumukunda no kubaha ubwenge bwe n'ibindi. Kandi ibyo... Nshobora kuvuga "amena" kuri ibyo. Ibintu byinshi byiza—ibihe twagiranye, we na njye, na Mwenedata Brown, Mwenedata Bootlayer hano, abantu beza b'Imana abo nkunda nyakuri n'umutima wanjye wose...

Noneho hanyuma nkuko mbona twese ntituri mo kuba bato; nibyo, Ntekereza gusa kureba igihe turimo duhinduka uhereye nko mu myaka makumyabiri ishize turimo duca mu butayu, n'ibyo byose nk'abantu bato. Ariko kubwo kumenya ko hari igihugu aho tutazongera gusaza. Tuzongera guhurira aho igihe kimwe.

2 Ijoro rishize igihe navaga mu rusengero, hari umugore muto wari uryamye hariya inyuma mu ngombyi, kandi aravuga ati, "Mwenedata Branham imyaka ishize..." Ndatakereza ko yari yararemaye. Aravuga ati, "Warambwiye..." Ntabwo nibuka icyo uwo mugore yambwiraga, ikintu nk'iki; ndibwira ko ntabisubiyemo nabi. Aravuga ati, "Ese iyi mibabaro mfite yaba ifite impamvu," cyangwa ikintu runaka, ko yari kuzagira umwana. Kandi ntiyashoboraga gusobanukirwa uko ibyo byagenda, mu gihe ari mu mimerere nk'iyo.

Aho hari hahagaze umuntu muto, umusore ukeye mu maso; aravuga ati, "Ni njye mwana yabonye." Aravuga ati, "Ni njye mwana yabonye."

Kandi ibintu byinshi byabayeho mu nzira; ntabwo dufite hano igihe cyo kubivugaho. Tuzabikora ku rundi ruhande.

3 Kandi iri Tsinda ry'Abacuruzi… Nta dini mbarizwamo, ndakeka nkuko mwese mubizi, ariko Njye… Iri niryo tsinda ryonyine nkorana naryo, ngafata ikarita y'ubunyamuryango, ni… N'abantu batagira idini bafatiyeho; ni abacuruzi gusa. Babaye umugisha ukomeye kuri njye no ku murimo muto Umwami Data yampaye. Ni... Ntabwo ari uko nyakuri ntakunda ishyirahamwe; Ni umurimo nahawe gusa, kandi niba ntakiranukiye uwo muhamagaro, noneho nzaba ndi umuntu udakiranuka ku Mana.

4 Kandi ndatekereza, mbere y'uko mva Tucson, ahari benshi muri mwe bari aho, umunsi umwe nari muri Los Angeles ndimo mvugana n'iri tsinda. Kandi aho hari… Ahari natereye ibintu hejuru mw'idini bikomeye—bikomeye gato. Njye—njye ntabwo nashakaga kumera gutyo. Ahari ukoze ibyo kubwo gukora ibyo, aho naba ndi indyarya. Ntabwo ugomba gukora nk'ibyo, oya, ibyo byaba ari ukuvuga nabi undi. Ariko navuze ku giti cyo nabonye mu kibanza cyo kwa Mwenedata Sharritt. Cyari gifite ubwoko butanu butandukanye bw'imbuto kuri cyo. Kandi ndavuga nti, "Ntabwo nigeze mbona igiti nk'icyo mu buzima bwanjye." Cyari... Cyari gifite imbuto z'ubwoko bw'amarongi; gifite indimu; gifite manderena, tangelo, amarongi, buri kikamera kikamera kuri icyo giti. "Byiza," Ndavuga nti, "Njye—nyakuri simbyumva. Ubu ni ubwoko ki bw'igiti?"

"Ni igiti cy'irongi."

Kandi ndavuga nti, "byiza, ziriya ni ubwoko bw'amarongi?"

aravuga ati, "Yego."

Njye—ndavuga nti, "Ni gute bishoboka?"

Aravuga ati, "Byabanguriweho."

Maze ndavuga nti, "Oh, ndabibona."

Aravuga ati, "Zose ni izo mu muryango w'indimu, kandi igiti cyose cyo mu muryango w'indimu, gishobora kubangurirwa kuri cyo."

Ndavuga, "Ndabisobanukiwe." Hanyuma ntagira gusakuza gatoya, murabizi, ukuntu ndi umuntu uvoma hafi kandi ugira amarangamutima.

Bityo aravuga ati, "N'ikihe kibazo?"

5 Kandi ndavuga nti, "Nibyo, Narimo ntekereza ikintu." Kandi ndavuga nti, "Noneho, ndashaka kubaza ikibazo." Ndavuga nti, "Noneho, umwaka utaha igihe uburabyo butangira kurabya, ntabwo bizaba amarongi, tangelos, pamplemousse, indimu; ese byose bizaba ari amarongi kubera ko ari igiti cya orange, siko biri?"

Aravuga ati, "Oya, oya. Oya, buri shami rizera izaryo."

"Ndabibona."

Ni uko ibyo byari bicyumvikana nezacyane, kubera ko ndi… murazi ndi… kubera ko mfite impamyabumenyi ya hariya muri Hartford ndetse n'izi kaminuza zindi, murazi. Ni uko—ni uko ndi… mwitegereze ibyaremwe, iyo niyo kaminuza nziza cyane muzo naba narigeze mbona, kaminuza y'Umuremyi. Nuko iyo ndimo nitegereza ibyo, nkura ikibwiriza muri uko kwitegereza uko ibyaremwe bikora.

Kandi ndavuga nti, "Byiza, ibyo bintera kumva nguwe neza."

Aravuga ati, "Ikibazo n'iki?"

Ndavuga nti, "hari ikintu ntekereje."

6 Nuko uwo munsi, narimo mbwiriza kuri ibyo. Ndavuga nti, "Noneho, murabona, igihe itorero ryatangiye, yari… Yesu yaravuze ati..." Narimo mbwiriza Yohana 15.

*"Ndi Umuzabibu: muri amashami. Kandi buri shami ritera imbuto rizacibwa, ritwikwe."*

Kandi umuntu yari amereye nabi kuri ibyo, aravuga ati, "Murabona, ndatekereza iyo uba warigeze wuzura Umwuka Wera kandi ugakizwa, wavuga uti, 'ntabwo bakurwaho.'"

"Uko niko biri"

Aravuga ati, "Ibyo bimeze bite?"

Ndavuga nti, "Noneho, uri kuvuga ku bintu bitandukanye. Arimo aravuga ibijyanye no kwera imbuto hariya, atari igiti cy'Umuzabibu; Arimo aravuga ibyo kwera imbuto, ntabwo ari Ubuzima"

Aravuga ati , "Nibyo, uzateme igiti kizongera gikure, cyere imbuto." Aravuga ati…

Kandi Aravuga ati, "Noneho, murebe, iki giti, igihe gitangiye, cyari icy'umwimerere, Abakristo ba Bibiliya. Hanyuma haza ishami ryitwa Luteri, na Metodiste, Baptista, Presbyterian: indimu n'ibindi." Kandi ndavuga nti "Murabona, bikomoka mw'izina rya Gikiristo, ariko nti... Bibeshwaho na cya Giti, ariko bikera ubwoko bwabyo bwa kidini. Murabona? Ariko ndavuga nti, "Icyo giti cy'irongi nikiramuka gisohoye irindi shami ubwacyo, rizera amarongi nkuko ryabikoze bwambere.

7 Ese aho ntihari hicaye, ukuriye iryo rikomeye—rimwe muri ayo mashyirahamwe y'Abapantekote akomeye cyane, ntabwo nzi uburyo nabikora kugira ngo buri muntu wese abyumve ko atari ibitekerezo byanjye ibyo— ko njye ndi—naba urwanya abo benedata, bashiki bacu; ibyo sibyo. Numvishwe nabi, kandi ntabwo nzi impamvu. Murabona? Abantu bamwe batekerezako ntanizera kw' abantu bagomba kujya ku rusengero. Ibyo biri mu birometero millioni kure y'ukuri. "Tugomba guteranira hamwe ubwacu; uko tubona wa munsi wegera." Murabona? Tugomba kuza hamwe mu bumwe. Ntabwo tugomba…

Ndamutse mba mu mugi kandi aho nta hantu hahari uretse—ntacyo, insengero runaka(ntabwo nshaka kuvuga amazina.), ariko itorero iryo ari ryo ryose, niba bizera gusa ikintu kimwe, ko Yesu yari Ubumana, ibisigaye byose bikaba ataribyo, nzajya muri urwo rusengero. Niba ntashobora kubona ipaki y'umugati, nza—nzajyana agapande. Murabona? Nzagenda numve, ndamye Umwami, kandi mwereke ko ndimo nkora igice cyanjye. Ndashaka kumwereka ko ndi muzima. Njye—ndashaka—ko buri muntu wese amenya uruhande mperereyemo. Nterana n'abakristo, ndetse aho ngahimbaza kandi —kandi ngakorera Umwami

8 Ariko birakomeye, njye… Byigeze bimbuza amahoro cyane, maze hanyuma mbona ko n'Umwami wacu yumvishwe nabi mu bintu byinshi. Yashoboraga kuvuga icyo aricyo cyose, kandi bo bashobora—kumva nabi. Ndakeka ko bigomba kuba gutyo. Ariko abo bazi ubwenge bazabyumva. Murabona? Bibiliya niko yavuze. Bazabifata.

Niko muri iki gitondo ndimo kuvuga ibi… Kandi ndavuga nti, "Noneho, bo—babaho mw'izina rya Gikiristo, ariko bakera ubwoko bubi bw'imbuto. Bafite imbuto za kidini. Bashyiraho ibintu, kandi bakabeshwaho nabyo, nyamara bakabaho muri ubwo Buzima"

9 Ibyo nibyo nageragezaga kuvuga mw'ijoro ryahise, uwo mwuka ushobora kubatizwa muri uwo Mwuka kandi nabwo ntube Umukristo. Murabona? Murimo murabeshwaho n'ubwo Buzima bumwe, ariko imbuto mwera zivuga abo muri bo. Murabona? Uko ni ukuri. Murabona? Bashobora gukora ibimenyetso byose, kandi bagasengera abarwayi, ndetse bagakiza abarwayi, maze bagahumura amaso, hanyuma bakirukana amadayimoni, kandi—kandi bagakora ibi bintu byose, barimo babeshwaho n'Ubuzima bumwe burimo hariya, ariko nyamara bikiri indimu. Murabona? Uko niko biri. "Ku mbuto, muzamenyekana" Niko Yesu yavuze. Kandi bityo tubona ko...

Kandi igihe naje ku gicaniro, uyu muyobozi ukomeye yarahagurutse, aravuga ati, "Sibyo wavuze," aravuga ati, "tuziko twese twateweho." Ntacyo, ibyo ni ukuri ko twateweho, twatewe ku gishyitsi, uko niko biri; ariko atari mu muzabibu, twatewe. Nuko hanyuma aravuga ati... batangiye mu buryo bwo

kunegura gato.

10 Kandi hari umuntu muto aho; ndatekereza ko ari umukinnyi wa filme. Izina rye ni Danny Henry, kandi yari umuhungu w' Umubatista. Nibyo, aza ku gicaniro kugira ngo ampobere, kandi aravuga ati, "Mwenedata Branham, ndibwira ko ibi bitumvikana nko gutuka ibyera," ariko aravuga ati, "Ndizera ko ibyo bishobora kuba igice cya 23 cy'Ibyahishuwe."

Kandi ndavuga nti, "Urakoze."

Kandi atangira kuvuga ibindi bintu bindi no kuvuga mu ndimi, umuhungu w'Umubatista. Kandi igihe yabikoze, aho hari—umugore wa hano Louisiana; yari umufaransa, umugore munini ubyibushye; yandika ubusobanuro.

Nibyo, hanyuma hari undi musore wari wicaye inyuma w'umufaransa; yandika ibyo yavuze. Bagereranya inyandiko, kandi byombi byari kimwe.

Kandi hanyuma umuntu munini, winzobe ahagaze aho inyuma, aho kuri Clifton's Cafetaria, aza aho imbere. Aravuga ati, "Reka ndebe izo nyandiko."

11 Nagiye kureba icyo byaricyo, kandi bose uko ari batatu byari ubusobanuro bumwe. Yari umusobanuzi muri U.N., usobanura Igifaransa. Kandi byavugaga gutya:

Kubera ko wahisemo iyi itunganye kandi ifunganye, inzira iruhije, wabikoze kubw'amahitamo yawe. Ariko n'icyemezo cyiza cyane wafashe, kubera ko n'inzira Yanjye.

Murabona? Kandi aravuga ati… kandi arakomeza aravuga nyuma.

Ibi ubwabyo ni byo bizatuma habaho, kandi bigatuma habaho, intsinzi ikomeye mu rukundo rwa kimana.

Murabona, igihe cyose, no mu Gifaransa, inshinga mbere ya ntera aho muri ubwo—muri ubwo—muri ubwo busobanuro. Bityo muri ibyo sinashoboraga kuvuga… Moses, yakoze amahitamo ye; yagombaga gukora amahitamo ye. Twese tugomba gukora amahitamo yacu kandi tugahitamo neza uko dushoboye. Kandi Imana... Nubaha ubutumwa bw'umuntu uwo ari wese ubwo ahawe kubyerekeye Imana. Njye... Icyo byaba aricyo byose, ndabyubaha n'umutima wanjye wose.

12 Noneho, nabonye abasore benshi bato baza mu minsi yashize, Mwenedata Stringer, ndatekereza aho hepfo muri Louisiana—cyangwa Mississipi, atuzanira amafoto amwe hano ayo mwatubonye turimo tureba. Yari Marayika w'Uwiteka igihe yagaragaraga. Ni bangahe bumvishe iyo nkuru? Ndakeka buri wese muri mwe hano yarayumvishe. Mwabyumvise ku makasete n'ahandi.

Noneho, Ibyo nabibwiwe igitondo kimwe hari nka saayine, mpagaze mu cyumba cyanjye muri Indiana. Mbwirwa ko nzaba ndi Tucson, ari kare mu gitondo, narimo nitotora ibishokoro(Ibyo hariya twita, imitwe y'ihene) mbikura ku maguru y'impantalo yanjye. Maze abamarayika barindwi baraza nuko baturitsa ibi, kandi ubutaka buraturika na burikintu kindi, kugeza aho ibitare byatembaga ku misozi, kandi abamarayika barindwi bahagaze aho.

Maze ndavuga nti, "Ntacyo..." Mbwira umugore wanjye, kandi ari ahantu muri iki gitondo, "Utegure buri kintu kubera ko nta buryo umuntu ashobora kurokoka biriya." Ndavuga nti, "Uve muri ibyo. Ngiye Tucson; umurimo wanjye urarangiye hano kw'isi. Ngiye murugo kubana n'Umwami Yesu."

"Ntacyo," niko yavuze, "Urabizi neza?"

Ndavuga nti, "Yego. Yego, nta muntu ushobora—ushobora guhagarara muri biriya. Nta buryo wabikora."

13 Nabwirije gusa Ibihe Birindwi by'Itorero. Aho niho nahamagaye intwari yacu, Mwenedata muto Jack Moore kugira ngo mubaze ibijyanye n'uyu Yesu wo mu Byahishuwe 1 uhagaze aho n'umusatsi wera na buri kintu.

Ndavuga nti, "Yari akiri muto." Kandi noneho, aho niho guhishurirwa kwaje kubijyanye no kuba yari yambaye imisatsi, kandi ntabwo yari We; yari yambaye imisatsi(kandi ntago nashoboraga kubyumva), nko kuba Ubumana bw'ikirenga. Kandi abacamanza ba kera bajyaga babikora muri Israheli, bagombaga kuba bafite imisatsi y'umweru. Kandi umweru wabaga uhagarariye gutungana. Kandi abacamanza babongereza kugeza kuri uyu munsi, mu rukiko rw'ikirenga rw'Ubwongereza, bambara imisatsi yera igihe baje, kubera ko nta yandi mategeko ahari hejuru yabo kw'isi. Murabona? Kandi ni abacamanza b'ikirenga.

14 Kandi mwibuke nagiye hariya muri Arizona na buri kintu; narimo ngerageza uko nshoboye kugira… mfite ubwoba hafi yo gupfa. Njya mu materaniro yo muri Phoenix. Kandi muribuka nabwirije ikibwiriza, "Mugabo, Ubu Ni Sangahe?" Murabyibuka? Navuze ko nabonye ibyo, ndavuga nti, "Mbere y'uko bibaho, mwibuke, UKU NIKO UWITEKA AVUZE, ati ikintu kigiye kubaho." Ahari mu kabati k'ibitabo byanyu mufite iyi

kasete ubu. Kandi aho naravuze nti, "Mwibuka ko noneho amayerekwa atajya atsindwa. Hari ikintu kigiye kuba. Mwibuke."

15 Kandi mu minsi mike nyuma y'ibyo, numvaga ntameze neza, maze ndatekereza nti, "ntacyo njye… gusa… ese ngiye gupfa? Niba… ndizera ko ari vuba ngahita mbirangiza. Ntabwo nshaka gutinda."

Kandi igitondo kimwe Umwami aravuga ati, "Zamuka hejuru kuri Sabino Canyon."

Kandi nari ndaho nzamuye amaboko yanjye, ndimo nsenga. Numva ikintu gikoze ku biganza byanjye. Yari inkota. Noneho, ntabwo ushobora kumva ukuntu wumva umerewe, guhagarara aho wowe ubwawe n'icyuma mu biganza byawe kireshya gutyo. Nayikuyemo aho hasi maze ndayireba. Cyari icyuma, umwe muri bo... Kandi ntinya icyuma, uko biri kose. Kandi cyari—cyari—icyuma, ikintu kimeza nk'ibi byuma, nk'amasafuriya y'icyuma cyangwa ikindi kintu, gityaye cyane kandi gisongoye. Yari ifite urwo rwubati ruzengurutse hano, aho umurwanyi yajyaga, ayishyira kugira ngo itamukata ibiganza, kandi—kandi yari ifite ikirindi cy'igiciro hano, kandi cyari gikwiriye mu kiganza cyanjye neza. Nibyo, nihanaguye mu maso maze ndeba inyuma. (Kuri aho hantu hamwe, undi munsi, nabonye inuma nto y'umweru imanuka. Ibyo ndabibabwira nyuma.)

16 Kandi Njye nari nyifashe mu kiganza cyanjye; ndatekereza, "N'ibidasanzwe. Noneho, Mwami, Njye—ndimo ndata ubwenge? Nta numwe hano. Ndi mu birometero kure y'umuntu wese, kandi hano hari inkota. Nari nzamuye ibiganza byanjye, none nihe yaturutse?" Maze ndatekereza, "Iki ni ikintu kidasanzwe kurusha ibindi. Noneho, murebe hano; ni inkota; murebe, yikubite, kandi yari inkota." Maze ndavuga nti, "Nta muntu uhagaze hano. Ndi mu mpinga hejuru y'ibi bitare, aho hejuru ku gasongero k'umusozi." Kandi nta n'ubwo ushobora kubona Tucson uvuye hariya, yari kure hasi.

17 Ndatekereza nti, "Noneho, iki ni ikintu kidasanzwe. Noneho, bigomba kuba biri hafi aha ahantu runaka, umuntu ushobora kuba yaremye kandi akora inkota maze ayishyira mu kiganza cyanjye." Nuko ndavuga nti, "Yaba ari ya Mana yonyine yaremeye intama Abraham, yashoboye kurema utwo dukima" ibyo mwumvise. Maze ndavuga nti, "Hano hari ibikoresho, ubwoko butatu bw'ibikoresho muri yo, kandi nyifata mu kiganza bimeze nk'ikindi kintu cyose nyacyo nshobora gufata mu kiganza. "

Maze numva ijwi, rivuga riti, "iyo ni Inkota y'Umwami."

Nuko ndatekereza nti, "Nonese, yaturutse he? Yari ahantu aho mu bitare." Maze mfata ikiganza cyanjye nka gutyo; ndavuga nti, "inkota y'Umwami."

18 Nuko ndeba aho hose, kandi inkota yari yagiye. Maze ndavuga nti, "inkota y'umwami." ibyo ninko… Yari yakorewe ugendere kw'ifarasi; ndatekereza ko ibyo ari byo, mu gisirikare cyangwa ubundi buryo; bayikoresha bahereza umuntu ipeti ryo kuba ugendera kw'ifarasi. Murabizi, nuko ndavuga nti, "Nibyo, ibyo nicyo byari bimaze. Bisobanuye ahari ko ngomba kurambika ibiganza ku babwiriza, cyangwa ikintu nk'icyo cyo kubagira ababwiriza." Nuko noneho njye...

Ijwi riragaruka riravuga nanone, riravuga riti, "Inkota y'UWO Mwami," atari umwami, Inkota y'UWO Mwami. Murabona?

ndatekereza nti, "Noneho, ngo ahari nataye umutwe; ibiterezo byanjye byagiye, cyangwa hari ikintu runaka kirimo kuba, hari umuntu uhagaze hano iruhande rwanjye."

19 Kandi, benedata, ibi bintu ni ukuri. Sinzi—Sinzi uko nabibabwira; mwagiye mubibona biba muri ubwo buryo. Murabona? Murabona? Kandi ni… Ntabwo nashoboraga kubyumva. Nibyo—niko kwiyumvayumva kudasanzwe kurusha ibindi.

Kandi hanyuma ndatekereza nti, "Noneho, Uwo wavuganaga nanjye ubuzima bwanjye bwose, guhera nkiri muto, agahungu gato cyane, ahagaze hano, kandi sinshobora kumubona na gato." Ndibaza nti, "Inkota y'Uwo Mwami?" Uwo ashobora kuba… Imana ni Umwami. "None iyi nkota ni iki?"

"Ijambo, ryashyizwe mu kiganza cyawe." Ndavuga nti, "Ntutinye kubw'urupfu; ni iby'umurimo wawe."

20 Oh, mbega. Manuka uwo musozi, ndira, nsakuza, n'ijwi rirenga uko nashobora, nsimbuka ibitare. Ndamanuka, mbwira umugore wanjye; Ndavuga nti, "Ntabwo ngiye gupfa(Murabona?), ni—ni—ni iby'umurimo wanjye." Ndamubwira ngo azane Billy Paul hano, ndetse afate abana. Ndavuga nti, "Noneho, ntakintu mfite, ariko itorero rizabona ko mutazicwa n'inzara n'ibindi, kandi nza—nzahurira namwe hakurya y'umupaka." Kandi—nuko ndavuga nti, "Oya, ntabwo ngiye gupfa, ni ibyerekeranye n'umurimo wanjye."

21 Iminsi mike nyuma y'ibyo nari mvuye mu materaniro, nari mfite ubutumwa bwa telegramu bw'amapaji atatu, bwari buturutse hano Houston, Texas. Kandi uwo muntu yari yaneguye cyane bikabije mw'ijoro ko uwo Marayika w'Umwami yankuweho, ifoto Ye yari yafatiwe aho Houston, arampamagara, aravuga ati—yohereza telegramu, umugore aravuga ati, "Ndabizi, Mwenedata Branham, urahuze. Umuhungu wanjye, umwana wa mushiki wa Ted Kipperman, ari mubagomba kwicwa hakoreshwe intebe y'amashanyarazi." Aravuga ati...(Byari kugenda gute iyo uwo aba ari Billy Paul?). Aravuga ati, "Uwo n'umukobwa muto

bagombaga gupfa." Kandi mwese mwabisomye mu kinyamakuru, birumvikana. Kandi aravuga ati, "Ibyiringiro byonyine dusigaranye ni uko waza ugakora amateraniro maze ugahuza abantu ."

22 Kandi Raymond Huckstra yari yamaze kunyandikira inshuro nyinshi, ariko murazi, nari nateguye ko aho muri ayo materaniro nzagira urugendo rwo kujya guhiga hamwe na Mr. McAnally nabo. Kandi ndatekereza, "ntacyo, nindamuka ndetse bariya bana bagapfa nuko singire imbaraga nshyiraho, ntabwo nashobora kuzongera kujya guhiga ukundi. "

Nuko ndavuga nti, "Niko biri, nzaza." Naje aho muri Houston, yari afite amateraniro, kandi birumvikana —ntabwo babishe, babakatiye gufungwa burundu. Kandi icyo nicyo bashakaga ko bakora, kubafunga burundu. Ibyo ni nk'imyaka makumyabiri n'umwe, ndakeka, ni—ni Texas.

23 Nuko hanyuma, nsubirayo, njya mu misozi ndetse njyana na Mwenedata Fred Sothmann. Ari hano. Mwenedata Fred, urihe? Ahagana hano. Mwenedata Fred Sothmann, Mwenedata Gene Norman; umunsi umwe, umunsi wa kabiri twicaye aho, Marayika w'Umwami yaje aho mu nkambi aho twari turi kandi atangira kutubwira ibijyanye n'abo bana babo ndetse n'ibindi bakoraga.

Ndahava nuko nsubira mu misozi. Kandi nari namaze gufata icumu ryanjye; narimo ngerageza kuzirukana kuri Mwenedata Fred. Nuko nsanga aho zarimo zirisha ku ruhande rw'umusozi, maze ndavuga nti, "Ntacyo, noneho, ndakubwira icyo ngiye gukora, Mwenedata Fred." Ndavuga nti, "Noneho, ujye kuri kariya gace mu gitondo." Turibujye hariya hakeye, tuzamuke umusozi. "Kandi ujye hariya bukeye, ndajya ku rundi ruhande. Noneho, ntayo ndiburase, nizirukira muri iyi nzira, ndiburase imbere yazo maze nzihindukize inyuma. Uhitemo inini."

Aravuga ati,"Nibyo."

24 Nuko Mwenedata Fred ajya ahongaho. Na Mwenedata Gene Norman (Ntabwo ntekereza ko Mwenedata Gene yaje, ese yaje?), yari—yari ku rundi ruhande. Benshi muri mwe muzi Gene Norman, inshuti yanjye y'inkoramutima, mwenedata mwiza. Maze aramanuka aho hepfo gato aho—izo ngurube, ntabwo zari zihari muri icyo gitondo. Nashoboraga kubona Mwenedata Fred, nkamuzamurira ikiganza, yari nko mu kilometero n'igice kure yanjye. Nibyo, ndatekereza, "Ese nihe zishobora kuba zagiye?" Ninjira mu mukoki munini, maze ndamanuka; ndatekereza nti, "ndareba niba nshobora kubona aho ziri." Ntangira gusubira inyuma. Byari nyuma gato y'uko bukeye; izuba ryari ritangiye kurasa.

25 Maze njyaho muri uwo muhora munini, oh, mbega, majana na majana ya za metero, ibyo bitare binini n'ikibaya kinini aho, n'ibyo bikuta binini. Kandi nyakuri harimo hagenda… Izuba ryari ritangiye kurasa, nko mu masaa moya, ndatekereza, cyangwa nkaho ngaho. Maze nicara hasi narimo ndeba aho hafi; ndebye hasi ku maguru y'ipantalo yanjye hari ibyo bishokoro, ibishokoro. Maze ndavuga nti, "Murazi, ibi bisa n'ibidasanzwe. Murazi, Marayika w'Uwiteka yambwiye ko nzaba ndi nko mu birometero nka mirongwitandatu mu majyaruguru y'iburasirazuba bwa Tucson; nzaba ndimo kwikuraho ibishokoro ku maguru yanjye." Muribuka ko nabibonye? Hh-huh. Murabona? Maze ndavuga nti, "Ibi ni ibidasanzwe." Narimbifashe.

26 Kandi mu gihe narindebye hejuru, mbona izo ngurube makumyabiri nko mu metero maganatanu uvuye aho ndi, zasohotse zirimo kurya ibibabi ndetse ziryamye aho. Ndavuga nti, "Noneho, iyo nshobora kubona Mwenedata Fred maze akabasha kuba hariya hantu, yari kubona ingurube ye aho. Ariko nari nziko yari mu kilometero n'igice cyangwa bitatu uvuye aho ndi ubu." Nuko ndavuga nti, "Iyo nshobora kwambuka aka gasozi zitambonye hejuru kuri icyo giti gito cy'umurotemu aho," Ndavuga nti, "Nindamuka ngeze muri uru ruhande, hari inzira y'amasha imanuka muri uruhande; nshobora kwiruka aho nzamuka maze nkava mu nzira. Maze ngashyira agapapuro hano aho nziko intoki zishobora gushyikira, muri icyo kibaya, maze nkabasha kuzana Mwenedata Fred aho muri ako kanya."

27 Najugunye hasi ibyo bishokoro, nibagirwa ibyo, maze ntangira kuzamuka agasozi mu buryo bworoshye maze ndeba inyuma, ntabwo zambonye, maze ndamanuka nyura muri iyi nzira y'amasha. Nari nambaye ingofero nini y'umukara. Ntangira kwiruka muri uyu muhora nihuta, nuko bibaho.

Ubutaka bwose buranyeganyega, ahantu hose. Ibitare binini birabiranduka, umukungugu urimo utumuka nka gutyo. Nuko ndareba, maze imbere yanjye hari hahagaze Abamarayika barindwi, bimeze neza nkuko byari biri. Numva meze nkuhagaze hejuru gato y'ubutaka. Icya mbere, ndatekereza nti ahari umuntu arandashe, murabizi, hamwe niyo ngofero y'umukara nyambaye; nasaga n'izo ngurube z'ishyamba, uko biri, murabizi, zirijimye. Naratekereje nti umuntu arandashe, nka... hafi aho. Maze Njye—mbona icyo byari cyo. Nibyo, muri ako kanya... mbona umurimo wanjye, nuko Icyanditswe, "Ibimenyetso birindwi aribyo bwiru burindwi..." Murabona?

28 Umuntu umwe yarambwiye, aravuga ati, "Noneho..." Oh, aravuga ati, "Nibyo, noneho, igihe kimwe Umwami, ahari wabonye amayerekwa, Mwenedata Branham, azabiguhishirira ibyo bintu ibyo ari byo; twese dushobora kwegera Imana maze tukagira imbaraga ziruta izo dufite mu kuvuga indimi n'ibindi. "

Ndavuga nti, "Ntabwo byagenda bityo."

Kubera ko, murabona, nizera Ijambo ko ari Ukuri. Kandi Bibiliya iravuga iti, "Uwo ari we wese uzongeraho ijambo rimwe cyangwa agakuraho ijambo rimwe kuri ryo." Bigomba kuba biri muri iri Jambo. Murabona? Ni ubwiru abantu basimbutse. Nibyo, aho niho haturuka Ubutumwa bwanjye ku rubyaro rw'inzoka ndetse kwizera nyakuri k'umutekano w'abizera.

29 Ntabwo nsuzugura benedata Presbyterian hariya, ndetse na bamwe mu Babatista ku buryo mufitemo mutekano. Ntabwo mvuga ibi kugira ngo mbe uwihariye, ariko ntabwo mwabifashe neza. Murabona? Uko niko biri. Murabona? Ariko nanjye nari mbizi nabi. Ariko igihe Marayika aje avuye mw'Ijuru maze akababwira, kandi hano niko biri mu Byanditswe, Ibyo—ibyo ni ukuri. Murabona? Uko niko biri. Murabona, igihe cyose avuga ibihuye n'Ibyanditswe.

30 Ndimo hariya naritegereje kugeza ubwo urwo ruziga rwagiye, rutangiye kuzamuka, maze ruhinduka umucyo udasanzwe, umeze nk'igicu. Neza neza muri ubwo buryo… Ni bangahe babonye iyo foto Ye yafatiwe muri Houston? Hafi mwese. Murabona? Nibyo, ibyo ni muri ubu buryo byari bimeze. Yahindutsemo icyo kintu kimwe, Ikomeza kujya hejuru cyane.

Narimo niruka kandi niruka, ngerageza gushaka Mwenedata Fred n'abandi. Nyuma y'akanya, nyuma y'iminota nka mirongwitatu, nashoboraga kumubona ahagana hepfo, arimo azunguza amaboko; ndetse na Mwenedata Gene aza, azunguza amaboko. Bamenye ko hari ikintu cyabaye. Nuko noneho njya hamwe nabo. Uwo ni Mwenedata Fred wicaye hano.

31 Igihe byabaye, ntabwo narinzi ko ababirebaga n'ibindi, bageraga muri Mexique, barimo bafata iyo foto. Ikinyamakuru "Life" cyafashe iyo foto Ye. Ibintu bidasanzwe hano, baravuze ngo ntabwo bazi aho byaturutse; ni hejuru cyane. Ni hejuru y'imibumbe ndetse n'aho kindi kintu gishobora kuba... Ni hejuru cyane ku gicu, kubera ko ni ibirometero mirongwine n'umunani hejuru n'ibirometero mirongwine na bitatu by'ubugari. Nta bukonje bwari buhari nta n'ikindi kintu cyari aho hejuru. Murabona?

32 Kandi batekereje ku ndege; Nuko bagenzura ahantu hose, nta ndege yari mu kirere kuri uwo munsi. Murabona, byabasabye, kubera amadirishya yanyeganyeze n'ibindi. "Nta ndege yari iri aho hejuru." Hano birahari mu kinyamakuru, muzasangamo ikintu kimwe. Kandi—kandi byarakomeje. None uyu munsi muri..

Hano birahari mu binyamakuru by' "Ubushakashatsi", aho badashobora kubyumva; ntabwo bazi ibyo ari ibyo.

Tucson, muri kaminuza, inshuti yanjye yagiyeyo yarimo avugana nabo undi munsi kandi yarimo ababwira ibijyanye na byo. Baravuga ati, "Ntabwo twakumva ibyo ari byo..."

Ndavuga nti, "Ntugire icyo ubivugaho, ntugire icyo ukora.'Ntukajugunye imarigarita za we imbere y'ingurube.'" Murabona? N'iby'itorero, ku batoranijwe, abahamagawe ngo basohoke. Murabona?

33 Kandi buri wese yazaga, avuga ati, "Mwenedata Branham, nabonye ifoto yawe hano. Nabonye ibi. Njye..." Muzi ibyo ari ibyo. Ariko ibyo—ibyo byamaze akanya nkuko uyu mwenedata abifite hano aho biri… Munyihanganire [Mwenedata Branham afata ifoto—Ed.]. Hano hari uburyo Yatangiye, izamuka. Mu bigaragara iyi yari ku ruhande rw'iburyo. Kandi mwese murabyibuka naravuze nti, "Uyu mu Marayika yari uwo wavuganye nanjye, yari mu ruhande rw'iburyo," yewe na mbere y'uko biba. Murabyibuka? Amababa Ye yarebaga inyuma nka gutya, aya niyo mababa ye neza neza nkuko yarazamutse. Murabona, nkuko ibyo... Nuko batangiye gufata amafoto kubera ko byari ubwiru. Ariko igihe ifoto yanyuma, igihe Yafashe indi sura Ubwe aho mu kirere ndetse n'ibindi, ibi ni nkuko ikinyamakuru cyitwa "Look" cyabitangaje. Murabona uburyo byazamutse nkuko bari batangiye kubireba. Murabona? Kandi hari haje iyo—iyo foto y'ingenzi ndetse yanyuma, igihe yafashe iyo sura.

34 Ntabwo bazi aho byaturutse cyangwa aho yagiye; ntabwo barabimenya. Ubushakashatsi ntabwo bwabashije kugira icyo bumenya kuri ibyo, ntabwo bazi ibyabaye. Ariko turabizi; "Hazaba ibimenyetso mw'ijuru hejuru." Turabizi. Murabona? Kandi Yasezeranije ibi bintu. Murabona? Kandi iki nicyo kintu cyonyine cyatumye byemerwa ko bifatwa...

Nziko turi iwacu hano muri iki gitondo. Niba niyerekana kuri mwe benedata na bashiki bacu nk'uzi byose, ndabinginze mumbabarire. Ntabwo aricyo nashakaga. Mpagaze—ndi hano muri iki gitondo mvugira imbere y'abantu bize, abantu bazi ubwenge; noneho, njye—ndi umuntu utarize; nta nubwo nashobora gusubiramo ibyanditswe byanjye neza. Mfite umutwe w'ibyanditswe nshaka gusoma muri iki gitondo, njye...ngiye gusaba umwe muri benedata hano kunsomera, kubera ko sinashobora gusubiramo amazina ari muri wo, I Ingoma 13(niba ubishaka, Mwenedata Jack, waba uhashaka), kubw'icyigisho cyanjye. Njye—nta nubwo nashobora gusubiramo ayo mazina; ndamwemerera abikore, kubera ko yashobora kuyasubiramo.

Kandi nziko ndi kuvugana n'abanyabwenge. Ariko, benedata, ibi bintu byakozwe kugira ngo mutareba ku bujiji bwanjye, ahubwo mwizere ko ndimo kubabwira Ukuri. N'Imana ibabwira Ukuri. Uko ni Ukuri. Murabona?

35 Noneho, kandi igihe navuganaga n'amadini, ntabwo mvugira ibyo kuba umuntu mubi kandi… Oya, ntabwo nshaka ko mutajya mu nsengero zanyu. Mujye munsengero zanyu, ibyo mukwiriye kubikora. Ariko ntimujye muri ayo mashyirahamwe, kubera ko umunsi umwe nzababwira kandi mbahamirize n'Ibyanditswe; ko ari kimenyetso cy'inyamaswa. Kandi mwibuke, n'ikimenyetso.

36 Ndabwiriza… Ntabwo nzongera kubwiriza mu rusengero rwa Mwenedata Jack, ashobora kumbwira ati, "Komeza maze ubwirize"; ariko ngiye ku Rusengero, ibyo bizamara nk'amasaha ane. Kandi ikibwiriza cyanjye ni: Inyamaswa kw'Itangiriro n'Inyamaswa kw'Iherezo, Zikurikiye Akayira k'Inzoka. Murabona? Cyamara nk'amasaha ane. Mfite Ibyanditswe byanjye byose biri hano. Inyamaswa kuva mw'itangiriro, yari inyamaswa mu ngombyi ya Eden;ni inyamaswa kw'iherezo, kandi akiyerekana nk'umuntu wihaye Imana n'idini(ibyo byakoze idini); kandi akaza anyuze muri ako kayira kabyo, kandi akabiguhamiriza akoresheje Ibyanditswe ko ari ibyo. Ntabwo nari mbizi kugeza igihe Umwuka Wera abimpaye undi munsi aho haruguru.

37 Noneho, muri ibi, narimo ndeba ibi undi munsi, ahagaze, maze ikintu kirambwira… areba kuri iyi, maze ndatekereza… Mwenedata Hickerson, umwe mu bayobozi—cyangwa abadiyakoni ku rusengero Jeffersonville… niba ntizera mu byo kujya ku rusengero, kubera iki mfite insengero? Turazifite aho hose mu gihugu, nitabye telefone irindi joro, kuri buri birometero kare maganatatu mpafite rumwe mu nsegero zanjye.

Noneho, iyi—iyi foto, narimpagaze, ndimo nyireba, maze ikintu… Narimpagaze mu cyumba cyanjye. Ikintu kirambwira, "Yihindukize iburyo "

Noneho, mwumve. Ibi birumvika nkaho ndi umuntu wasaze ho gato, ariko(Murabona?), nkuko nabivuze murindi joro, ibi bintu byose bikomeye bituruka mu banyabwenge bakomeye… Noneho, ibyo ntabwo mbirwanya. Mwibuke, duhatiwe kugira… Noneho, mwohereze abana banyu kw' ishuri maze bige ndetse n'ibindi; ariko ndababwiye aka kanya, ntacyo bizababamarira mw'isi izaza, kubera ko hazaba irindi terambere, iryo gusa rizaba riri hejuru y'ibi. Iryo terambere nta nubwo rizigera rigira...ntabwo rizagira amashuri muri ryo; ntabwo rizagira urupfu muri ryo, ntabwo hazabamo icyaha muri ryo. Iri rifite ibyo byose; uko twatera imbere kose, niko urupfu rurushaho kwiyongera igihe cyose. Murabona?Iryo rizaba nta rupfu rifite. Ariko ubu tugomba kugira amashuri; tugomba kwambara imyenda, twe...

38 Nari ngiye kuvuga muri iki gitondo kuri Edeni ya Satani(benshi muri mwe mubifite kasete yayo), Edeni ya Satani. Yaremye indi ngombyi ya Edeni, kandi imyaka ibihumbi bitandatu niyo byamusabye kugira ngo ayikore, nkuko Imana yakoze Iyayo kw'itangiriro. Imana yaremye Edeni Yayo, maze Satani arayangiza. Noneho, Satani yaremye Edeni ye bwite, kandi Imana igiye kuyirimbura(Uko ni ukuri.) maze ashyiraho iye Bwite.

Ikintu cyavuganye nanjye, "Yihindukize iburyo."

Ndatekereza nti, "Ndibwira ko ndimo kuyireba mu buryo bwiza." Aravuga ati, "Yihindukize iburyo." Murabona?

Ndatekereza nti, "Ahari rya Jwi risobanuye kuyihindukiza iburyo." Kandi igihe nabikoze, mwabonye icyo iricyo: Umutwe wa Kristo ku myaka mirongwitatu n'itatu wa Hofmann, murebe hano, murebe ubwanwa Bwe bwirabura, ishusho Ye, amaso Ye, izuru Rye, ndetse na buri kintu cyose. Murabona igice cy'umusatsi We hano urimo kuzamuka. Kandi yambitswe iryo kamba ryera ry'abo Bamarayika mu kwerekana ko Ubutumwa Bwe bwo kuba ari Imana ari Ukuri. Niwe Mucamanza ukomeye w'isi, Umucamanza ukomeye w'ijuru n'isi. Ni we Mana, kandi nta kindi uretse Imana. We ni Imana yagaragajwe mw'ishusho y'umuntu ikitwa Umwana w'Imana, icyo Umwana yaricyo cyari icyitiriro. Kandi ese ibyo ntibigira Ubutumwa bwacu ukuri neza neza: kugaragajwe n'Ibyanditswe, kugaragajwe mu murimo, kugaragajwe no Kugaragara Kwe, umeze uko yari ejo hashize, uyu munsi, n'iteka... Kubwibyo ibyo Bimenyetso Birindwi ni Ukuri, benedata. Ushobora kutemeranya na byo, ariko uzicare hasi gusa maze ubyige hamwe n'umutima ufunguye, nuko ureke Umwuka Wera akuyobora...

39 Hano, igihe Mwenedata Jack… Namuhamagaye mbere y'uko mbwiriza ibi kandi navuganye nawe igihe kimwe kubijyanye "iri kamba ry'umweru n'iki?"

Aravuga ati, "Nibyo, Mwenedata Branham, ndahamya ko byari muri—nyuma y'umuzuko We mu mubiri We uhawe ubwiza." Narimo mvugana na Mwenedata Jack. Kandi aho… Ntabwo nzi niba hari umuntu nshobora kwishingikirizaho ku myigishirize yabo kuri tewologiya ndetse n'ibindi nkuko nakunda Mwenedata Jack Moore na Mwenedata Vayle, kandi abantu nkabo kimwe—kimwe n'ibyo, umunyatewologiya w'ukuri, ibyo ni ugusoma ubwoko bwose bw'ibitabo no mu nguni zitandukanye kuri buri kintu. Nibyo, Ariko(Murabona?), yewe hamwe n'ibyo, n'inshuti yanjye y'inkoramutima, njye—njye—ntabwo nashobora kubyakira; hari kintu hariya kitashoboraga kubyakira.

40 Kandi hanyuma igihe, ibi, hanyuma mbona icyo biricyo. Hano hari ubwanwa bwe bwirabura. Mwaramubonye, ndakeka. Murabona? Ubwanwa Bwe bwirabura n'umusatsi wirabura, amaso Ye, izuru,

buri kintu, bitunganye gusa, ndetse n'umusatsi We urimo kuza kuri uru ruhande. We ni Imana. Murabona? Kandi We ari uko yari ejo hashize, uyu munsi, ndetse n'iteka. Kandi iki ni ikinyamakuru kitwa "Look"—cyangwa Ikinyamakuru "Life". Ndatekereza ko ibi ari... Ntabwo nzi numero iyo ariyo noneho; oh, cyo kw'itariki cumi na zirindwi z'ukwa gatanu 1963. Icyo gihe nibwo cyasohotse, niba hari umuntu ushaka icyo kinyamakuru. Ni ya foto imwe nk'iyo Rockefeller afite ndetse we—umugore we ariho inyuma. Kandi iki ni ikinyamakuru gishya cyitwa "Science" ibyo "biracyari ubwiru."

41 Kubera iki navuze ibi bintu? Kugira ngo bibashe kubaha uburyo bwo kubona ibi bintu turimo kugerageza kuvuga, ko Imana irimo guhamya haba mw'ijuru no mw'isi ko ari ukuri, uku kurondora, amayerekwa. Dufite kwigana kwinshi, kandi bihoraho. Ariko mwibuke, mbere y'uko haba idorari ripfuye, hagomba kuba hari idorari ry'ukuri mbere; habanza kubaho idorari ry'ukuri, noneho bakigana bagendeye kuri iryo. Kimwe n'uko twari dufite Mose w'ukuri na Aroni w'ukuri, hanyuma tukagira Yambre na Yanne nyuma yabo. Murabona uburyo bose baza? Barabibona barangiza bakagerageza kubyigana, igihe hari umwe nyakuri w'umwimerere. Uko ni ukuri. Ntabwo mvugira ibyo kubagirira nabi, cyangwa kubatesha agaciro, cyangwa gushyira ikintu ahatari ahacyo, ahubwo ni kubw'Ukuri; kubwo kumenya ko Njye...

42 Ndimo gusaza, kandi nziko igihe cyanjye kitazatinda. Niba Yesu atinze, nshobora—nshobora kugumaho gato; ariko nziko uyu mutima igihe kimwe uzatera inshuro yawo yanyuma, maze nkinjira mu cyumba kinini cyijimye aricyo cyitwa urupfu. Ariko igihe ibyo bizaza, nta kintu nifuza ko cyazatuma ndeba inyuma, ngerageza kucyihana. Ndashaka ko igihe nzagera kuri icyo gihe, kuba ntunganye kandi nera kubw'ubuntu bw'Imana. Ndashaka kuzafubikwa ubwanjye mw'ikanzu yo gukiranuka, igihe nzinjira hariya hamwe n'iki kintu mu bitekerezo: Ndamuzi mu mbaraga z'umuzuko We; kandi igihe Azahamagara, nzasohoka aho mu bapfuye kandi mbane nawe iteka. Kandi niyo ntego yanjye hano nonaha ngerageza guha buri muntu, atari guhindura za tewologiya zanyu cyangwa ibindi, ahubwo nzamura kwizera kwanyu ku masezerano y'Imana kuri uyu munsi.

Noneho, reka dusenge.

43 Mana Mukundwa, turi ubwoko bushima muri iki gitondo, ariko kandi Mwami, tuba mu isi y'umwijima. nta muntu n'umwe muri twe utumva muri we gushaka kugendera hafi ya We; icyo kintu turagikeneye kiva kuri Wowe mu buzima bwacu, gishobora kutworoshya kub'uburyo washobora kuduhindura igihe cyose Ubishaste, kutugira abahungu n'abakobwa b'Imana. Ni yo mpamvu turi hano, Data. Ni yo ntego yanjye. Ngerageza kugendera imbere ya We, kwakira Ijambo rya We, no kurigeza ku bagabo n'abagore, bitari kwivuga, ahubwo ari kugerageza kubaha uwampaye Ubuzima. Bikore Mana.

44 Reka aho hekuba umuntu hano uyu munsi … Cyangwa—cyangwa niba turi ku murongo wa telefone mu gihugu hose nanone, reka hekugira umuntu wigeze wumva ijwi ryacu rivuga ngo azajye muri icyo cyuma kinini atakumenye mu mbaraga z'umuzuko Wawe. Niba hari umunyabyaha aho mugihugu, aho, cyangwa muri iyi nyubako, iki cyumba kinini, yicaye hano muri iki gitondo... Niba hari abo batakuzi, reka uyu mwanya ube umunsi umutimanama wabo unyeganyezwa, ukabyuka, maze bakamenya ko batazi umunota dushobora guhamagarwaho cyangwa tugatumizwa ngo dusubize ku buzima bwacu aho hejuru. Kandi niba amazina yacu akiri muri icyo gitabo cy'urwiri; twazacirwaho iteka; ariko niba ari mu Gitabo cy'Ubugingo, Ubuzima nyakuri, noneho turakijijwe.

Kandi ahari, Umwami, nkuko ubwo buzima butambuka buva mu bibabi bijya mu murama, bukajya mu gishishwa, hanyuma bukagera ku mbuto, mugihe turimo dutambuka muri iki gitondo niba hano hari Ubuzima bwagiye mu mbuto zikiryamye aho mu rwiri, uzisohore uyu munsi, Mwami, ureke zikurire ukwimuka kw'imbuto, kuko tubisabye mw'Izina rya Yesu. Amena.

45 Mumbabarire gufata umwanya munini cyane. Nibagiwe ibyo kuba ndi ku gihe cya radio hanze hariya, igihe cya telefone.

Noneho, reka turambure mu gusoma kwacu. Kandi Mwenedata Jack, waba ufite Bibiliya yawe aho? Mu gihe ndimo nshaka Icyanditswe cyanjye, ndasaba Mwenedata Jack kunsomera iki Cyanditswe kubera ko ntashobora gusubiramo aya mazina. Niko biri. Ni mu I Ingoma 13...?...[Mwenedata Jack Moore asoma I Ingoma, igice cya 13:

> *Nuko Dawidi ajya inama n'abatware batwara ibihumbi, n'abatwara amagana n'abandi batware bose.*
>
> *Dawidi abwira iteraniro ry'Abisirayeli ryose ati "Ibi niba mubishima kandi niba bivuye ku Uwiteka Imana yacu, dutume hose kuri bene wacu basigaye mu gihugu cya Isirayeli cyose, no ku batambyi n'Abalewi bari mu midugudu yabo n'ibikingi byabo, kugira ngo bateranire aho turi.*
>
> *Tujye kugarura isanduku y'Imana yacu muri twe, kuko tutayitayeho ku ngoma ya Sawuli."*
>
> *Abahateraniye bose bemera ko bagiye gukora batyo, kuko iyo nama abantu bose*

*bayishimye.*

*Nuko Dawidi ateranya Abisirayeli bose, uhereye i Shihori ku kagezi ka Egiputa ukageza aharasukirwa i Hamati, kugira ngo bajye kwenda isanduku y'Imana bayikure i Kiriyatiyeyarimu.*

*Dawidi azamukana n'Abisirayeli bose bajya i Bāla, ari yo Kiriyatiyeyarimu y'Abayuda, kugira ngo bakureyo isanduku y'Uwiteka Imana, ari yo yicara ku Bakerubi ikitwa rya Zina.*

*Maze baheka isanduku y'Imana kw' igare rishya, bayikura mu nzu ya Abinadabu, Uza na Ahiyo barayishorera.*

*Nuko Dawidi n'Abisirayeli bose biyerekera imbere y'Imana n'imbaraga zabo zose, baririmba bacuranga inanga na nebelu n'amashako n'ibyuma bivuga, bavuza n'amakondera.*

*Bageze ku mbuga ya Kidoni, Uza arambura ukuboko kuramira isanduku, kuko inka zari zitsikiye.*

*Uburakari bw'Uwiteka bugurumanira kuri Uza aramwica, kuko yaramburiye ukuboko isanduku, agwa aho ngaho imbere y'Imana.*

*Dawidi ababazwa n'uko Uwiteka asumiye Uza. Aho hantu ahahimba Peresuza na bugingo n'ubu.*

*Uwo munsi Dawidi atinya Imana aravuga ati "Najyana nte isanduku y'Imana imuhira iwanjye?"*

*Nuko Dawidi ntiyacumbukura iyo sanduku ngo ayicyure iwe mu rurembo rwa Dawidi, ahubwo ayinyuza hirya ayicyura mu rugo rwa Obededomu w'Umugiti.*

*Isanduku y'Uwiteka imara amezi atatu mu bo kwa Obededomu, iri mu rugo rwe. Uwiteka aha umugisha urugo rwa Obededomu n'ibyo yari afite byose.—Ed.]*

46 Urakoze, Mwenedata Moore, kubwo gusoma kw'Ibyanditswe kubwa njye. Noneho, ntabwo nashobora gusoma biriya ubwanjye, ariko njye—ntabwo naribubishobore.

Noneho, Ndashaka ko mufatanya nanjye gufungura muri Mariko 7:7, noneho turibusome imirongo irindwi ibanza ya Mariko igice cya karindwi.

*Abafarisayo n'abanditsi bamwe bavuye i Yerusalemu, bateranira aho ari.*

*Babona abigishwa be bamwe barisha ibyokurya byabo intoki zihumanye, (bisobanurwa ngo zitajabitse mu mazi, kuko Abafarisayo n'Abayuda bose bataryaga batabanje kujabika intoki mu mazi ngo zibe zihumanuwe, bakurikije imigenzo ya ba sekuruza.*

*Kandi iyo babaga bavuye mu iguriro, ntibaryaga batabanje kwiyibiza mu mazi ngo babe bahumanutse. Hariho n'ibindi byinshi bategetswe na ba sekuruza babo kubizirikiriza, nko kujabika ibikombe n'inzabya n'inkono z'imiringa.)*

*Abafarisayo n'abanditsi baramubaza bati "Ni iki gituma abigishwa bawe bataziririza imigenzo ya ba sekuruza, bagapfa kurisha ibyokurya intoki zihumanye?"*

*Arabasubiza ati "Yesaya yahanuye ibyanyu neza mwa ndyarya mwe, nk'uko byanditswe ngo'Ubu bwoko bunshimisha iminwa yabo,Ariko imitima yabo indi kure.*

*Bansengera ubusa, Kuko inyigisho bigisha ari amategeko y'abantu.'*

Reka dusenge.

47 Mukundwa Mana, wubahe Ijambo Ryawe ubu, kandi reka risohoze icyo ryagenewe. Udukoreshe nk'ibikoresho turivuge, ndetse n'amatwi yacu akumve, ndetse n'imitima yo kuryakira. Tubisabye mw'Izina rya Yesu, kubw'icyubahiro cy'Imana. Amena.

48 Noneho, umutwe 'ijambo wanjye mu kanya gato ni uyu… Njye… Turi ku murongo wa telefone yo mu gihugu muri iki gitondo. Kandi nziko inshuti yanjye nziza, Roy Borders, arimo kumva, wari wakozweho kubijyanye n'ijoro ryahise. Nari nibagiwe ko turi kuri radio, cyangwa uyu murongo ijoro rishize. Roy, aho uri hose, niba uri aho muri San Jose mu rusengero aho, cyangwa se aho hepfo mu rusengero rwo kwa Mwenedata McHughes, cyangwa aho uri hose, ntutinye, mwenedata, ibintu byose biragenda neza. Wicare utuje, wowe gusa... Iraza kubimbwira, Roy; ntucike intege, muhungu wanjye, ugire kwizera mu Mana.

49 Icyigisho cyanjye muri iki gitondo ni: "Kugerageza Gukorera Imana Umurimo Bitari Ubushake Bwayo."

Noneho, uyu ni umutwe udasanzwe, kandi nizeye ko Umwami aza kuduhishurira ibi noneho. Mwibuke: Kugerageza gukorera Imana umurimo bitari Ubushake Bw'Imana. Noneho, ibyo birasa n'ibidasanzwe. Ariko muri ibi ahari Imana ishobora kudufasha.

50 Ikindi kintu nshaka kuvuga muri iki gitondo, turanezerewe kugira hagati yacu inshuti yanjye, inshuti yanjye nkunda cyane, umuhungu muto. Benshi muri mwe muri kuri radio ubu mushobora —cyangwa—kuri telefone, muzi uwo ari we. Uyu munsi ni isabukuru y'amavuko ye, imyaka mirongwicyenda n'itatu, Mwenedata Bill Dauch wicaye hano imbere yanjye, imyaka mirongwicyenda n'itatu.

Imyaka myinshi ishize muganga yaravuze ati, "Ntabwo ashobora kubaho." (Namubonye yicaye hano muri iki gitondo ubu.) Ari muri iryo hema rya Oxygen, kandi umugore we mukundwa yarampamagaye maze arambwira ati, "Mwenedata Branham, niba utekereza kubona inshuti yawe ya kera Bill akiriho, ibyiza ni uko waza vuba."

51 Kandi Njye… rimwe mu mapine yanjye ryari ryacitse ku ruhande, ipine rimwe rirangirika, kandi naciye ipine ry'imodoka yanjye ndimo ngerageza kumugeraho. Narimo nturuka kuri—kuri—station ya essance, kandi nturutse mu bwiherero rusange aho nari nahagaze aho muri Ohio ndimo ngerageza kumugeraho, maze ndimo nsohoka mbona iyerekwa. Kandi aho hari hahagaze Mwenedata Dauch, ahagaze mu rusengero n'ikiganza cye kizamuye; birahinduka, maze mbona amanuka umuhanda nuko araza aransuhuza. Rirambwira riti, "Genda ubimubwire, UKU NIKO UWITEKA AVUZE."

Yari afite hafi nk'imyaka mirongwicyenda hanyuma. Yari afite indwara y'umutima hamwe no guhagarara k'umutima, ndetse no kunanirwa burundu k'umutima. Umuganga mwiza cyane uwo mugabo ntawo ari… ntabwo ashaka… Njye… ntabwo ashaka ko mvuga ibyo. Ni umuntu ushobora kugera, kubona buri mudogiteri ashaka. Yari afite umuganga mwiza w'umuyahudi wahuye nanjye mu kirongozi maze aravuga ati, "Nta mahirwe afite yo kubaho."

Kandi ninjiyemo maze ncengeza ukuboko kwanjye munsi y'iryo hema rya oxygen; ndavuga nti, "Bill, ushobora kunyumva?" Azunguza umutwe we. Ndavuga nti, "UKU NIKO UWITEKA AVUZE, 'ntabwo ugiye gupfa ubu.'"

52 Icyumweru uhereye ubwo, igihe nari ngiye ku gicaniro kubwiriza ubutumwa bwanjye, hano haza Mwenedata Dauch arimo agenda aho mu nyubako. Kandi igihe nagiye aho kuri Furr's Restaurent, hakurya… ndavuga kuri Blue Boar, hakurya muri Louisville, aho yarimo asohoka mu modoka, amanuka umuhanda, arambuye ikiganza cye, bihura neza n'Ijambo ry'Uwiteka. Ibyo ni nko mu myaka itatu cyangwa ine ishize; kandi aha yicaye yaje inzira ya hano muri Shreveport (yambutse igihugu, adakoresheje indege, akoresheje imodoka), yicaye hano muri iki gitondo. "Umunsi mwiza w'amavuko, Mwenedata Dauch." Ibyo biturutse mu gihugu hose, buri hantu hose. "Imana iguhe umugisha."

53 Naramubatije, nyuma yo kuba umunyabututatu, naramubatije igihe we… Yari mu materaniro yanjye yambere, igihe Mwenedata Banks Wood yagombye kumuha imyenda ye(ni umuntu ubyibushye nkuko mubibona.), maze ajya mu kidendezi maze ndamubatiza nko hafi ku myaka mirongwinani n'itanu cyangwa mirongwicyenda, mw'Izina ry'Umwami Yesu. Yaravuze ngo ntiyigeze amera neza kugeza igihe yabonye uwo mutekano w'ikintu runaka. Noneho yakira isabukuru y'amavuko y'aho atazongera gusaza. Uko ni ukuri, icyo n'igihugu gikomeye. Yewe anizeye kuzabaho kugeza kukuza k'Umwami; bishobora kubaho. Ariko nasinzira, we—noneho tuzakangurwa muri icyo gihe, aza ari uwa mbere. Uko ni ukuri. Nuko, Mwenedata Dauch, ntaburyo buhari noneho bwo guhusha ibyo. Uri nyakuri mu murongo. Ugume aho, mwenedata. Imana iguhe umugisha. Kandi ndashimira Umwami umuntu mwiza nk'uriya, kubw'uko wamuhaye iyi myaka yose.

54 Mu gitabo cy'Ingoma: "Kugerageza gukorera Imana umurimo Bitari Ubushake Bwayo." Imana ikora icyo ishatse. Icya mbere biradusaba gusobanukirwa ibyo. Abantu uyu munsi batangazwa n'impamvu ki tudafite ububyutse. Mwizeye ko Imana ikora icyo ishatse? Murabona, Bibiliya ibivuga muri ubu buryo.

Kandi turagerageza… Nkuko narimo mbiganira n'itsinda rya benedata beza, benedata b'Abaptista, hadashize iminsi, kandi baravuga bati, "Mwenedata Branham, dushobora kugira ububyutse gusa igihe dufashe Ijambo, ijambo kw'ijambo, urupapuro ku rundi, inyuguti ku yindi."

Maze ndavuga nti, "Ndabyizera, urupapuro ku rupapuro." Aravuga ati… ndavuga nti, "Bagerageje kubikora igihe cyose."

Aravuga ati, "Ariko tugomba gushaka ubusobanuro bw'ikigereki bw'Ijambo, icyo ikigereki kivuga."

Ndavuga nti, "ntabwo nasomye cyane, ariko gusoma amateka y'itorero, ndetse n'Inama yiNikeyam cyangwa ababanjire Inama yiNikeya, ba data b'iNikeya, n'ibindi, bajyaga impaka kubijya n'Ikigereki. Ibyo ni nko mumyaka ibihumbi bibiri ishize. Umwe akavuga ati, 'Bisobanuye ibi', nuko undi akavuga ati, 'Bisobanuye biriya. Ijambo ry'Ikigereki risobanuye ibi.'"

55 Kimwe n'ururimi rwacu, ijambo "see" Ukoresheje ijambo "see[kubona—kiny.ed]" ushobora

gusobanura"ikirundo cy'amazi," "ndasobanukiwe," cyangwa ibintu byinshi. Ahatoboye, "kuba urimo gutobora umwobo," "gukora urugendo," cyangwa—cyangwa "warandambiye" cyangwa "wishyuye urugendo rwanjye" cyangwa rishobora gusobanura icyo aricyo cyose—ibintu byinshi. Kandi ziriya nyuguti ntoya ndetse n'ibindi, zihindura ubusobanuro bwose. Nuko udashobora kubikora gutyo. Imana yaryanditse gutyo, kubera ko...

Kandi Amagambo yose arahumekewe, kandi Yavuze ibyo, "Ndagushimira, Data, ko Wahishe ibi bintu amaso y'abanyabwenge n'abahanga, nuko ukabihishurira(Amena.) abana bato bashobora kubyiga." Ni uguhishurirwa Kwe, nkuko nabivuze umugoroba ushize, "Yabihishuriye abana bato..."

Naramubwiye nti, "ntabwo byakora, mugabo." Ndavuga nti, "Ububyutse ntabwo buzigera buza kugeza Imana, Imana ikora ibyo ishaka, ibwohereje; kandi hanyuma ishobora gufata umuntu udafite ubwenge uwo udashobora kwandika izina rye maze ikamukoresha, uwo utazi no kuvuga icyongereza neza usibe n'Ikigiriki. "

56 Ibyo nibyo Yakoze mu gihe ubwo Petero yabwirizaga kuri Pantekote, murazi; ntabwo yashoboraga no kwandika izina rye: intamenya kandi itarize. Ariko Imana ikora ibintu mu buryo budasanzwe ku mitekerereze y'abanyabwenge. Ibyo biyigira Imana. Iyo ifata itsinda ry'abanyatewologiya n'abanyacyubahiro, ndetse n'ibindi, bajyaga kuvuga bati, "Uriya Kayafa w'umuhanga(Murabona?), ari mu kuri." Ariko Imana yaramanutse maze ifata abarobyi batari bubashe no kwandika amazina yabo, kandi abo nibo Yafashe. Iyo ni Imana; Yafashe ikintu kidafite icyo kiricyo maze igihindura ikintu runaka igikuye muri cyo kubw'icyubahiro cyayo. Yafashe akavuyo maze ikoramo Edeni. Ni Imana.

57 Noneho, niba hari abantu bafite mekanike yo kugira ububyutse, ni mwenedata w'umunyacyubahiro, Billy Graham. Ariko mekanike ni nziza, ariko mekanike ntabwo yasunika ibintu; bisaba imbaraga kugira ngo bigende. Ushobora kubaka imodoka, ugashyiramo imyanya myiza muri yo, ugashyiramo za pisto nziza, ndetse—ndetse bigahamywa n'ubushakashatsi ibyo bishobora gukora; Ariko uretse gusa ko imbaraga zaba zirimo aho, ubundi ni ikintu kiza gipfuye.

Ni uko biri mu bubyutse bwo mu gihugu cy'igalle, bumwe mu bubyutse buheruka mbere y'abapantekote bacu, nta numwe wamenye uwatangiye ububyutse, ryari itsinda ry'abantu.

Noneho, igihe tubonye ibyo byose… Inshuti yanjye, Billy Graham, afata Abapresbyterians, n'Abaluteri, n'Abapantekote, na buri kintu cyose akabishyira hamwe, akajya mu mugi, maze aho hakaba kurundanya ibihumbi byinshi, nuko ibihumbi mirongwitatu bikaza mu byumweru bibiri maze bagaha imitima yabo Kristo; bakongera bagasubirayo mu byumweru bibiri nuko ntusigarane n'umwe. Murabona? Ibyo ni mekanike. Ariko reka Imana mu buntu Bwayo bwo gukora icyo ishaka ivugane gusa n'umuntu umwe muto utagira ubwenge, nkuko wabivuga, umuntu utazwi; reka Umwuka Wayo umanuke mu mugi maze abagabo batajya ku kazi, abagore badashobora koza amasahani, abari badashobora gusasa uburiri, basakuza ndetse barira hamwe n'ibiganza byabo bizamuye mu kirere. Ubwo ni ububyutse; ibyo biri mu bushake bw'Imana.

58 Bivugwa ko bamwe mu bakomeye baturutse mw'itorero bagiye mu gihugu cy'iGalle kugira ngo basobanukirwe, cyangwa kugira bamenye neza izo mekanike zari muri ubwo bubyutse, mu gihe cy'ububyutse bw'iGalle. Kandi igihe bavuye mu nkuge hamwe n'izo ngofero zabo ndende bambaye, hamwe nayo makora azengurutse ijosi; babona harimo hamanuka mu muhanda, umupolisi muto, arimo azunguza ndembo hirya no hino nka gutyo, avugiriza, Baravuga bati, "Mugabo mwiza, ushobora kumbwira aho ububyutse bw'iGalle buri?"

Arababwira ati, "Yego, benedata; muhagaze hagati muri bwo." aravuga ati, "Musobanukirwe, ni njye bubyutse bw'iGalle," aravuga ati, "kubera ko ububyutse bw'igalle buri muri njye."

59 Ibyo ni ugukora icyo ushatse. Ibyo nibyo Imana ikora, kandi niyo Yonyine ifite uburenganzira bwo kohereza ububyutse. Atari ugushyira za mekanike hamwe, ni ugusenga Imana kugira ngo yohereze imbaraga—imbaraga.

Yo yonyine ihishura Ijambo Ryayo kuri abo bamenywe mbere. Noneho, igihe nkoresheje ijambo "kumenywa mbere"… Noneho, ni ijambo ribi ryo gukoresha mu bantu rusange, cyane cyane iyo dufite igihiriri kivanze cy'Abanyamategeko n'Abanyabuntu. Kandi atari… Nabasabye kudatekereza ko mbizi byose, ariko bose bari mu makosa ukurikije Ibyanditswe. Ubuntu n'icyo Imana yankoreye, imirimo n'icyo njye nyikorera. Murabona? Noneho mwabibonye. Nuramuka uhejeje inguni imwe muri ibi bice bihera, nyakuri uzisanga hanze kwiherezo ry'icyo gice kandi udashobora kugaruka. Igitabo cy'Abefeso kibishyira hamwe; ndatekereza.

Noneho, ariko iri jambo, igihe ndikoresha, "kumenywa mbere," ntutekereze ko ndi… Ko iri ariryo jambo ryonyine nzi uko —kugira… ni ukumenya mbere kw'Imana(Murabona?), ibyo Yo izi. Yo—Ntabwo Yavuga… We—Yarapfuye kugira ngo bose bakizwe; Yarabikoze; ariko kubwo kumenya mbere Yarizi uzakizwa n'utazakizwa. Murabona? Ibyo nibyo izi; ntabwo mbizi; ntabwo mubizi, bityo dukorera agakiza kacu dufite gutinya kandi duhinda umushyitsi.

60 Noneho, Ariko Imana ifite Ijambo ryayo riteguye, kandi ifite mu bisekuru byose. Kumenya mbere Kwayo kwayiteye gushyira mw'itorero, ndetse no mu bantu, ikintu runaka cyo Yakoze kuva mw'itangiriro. Kandi hanyuma Ubutumwa Bwiza ubwo bubwirizwa kuri icyo gisekuru buhishurwa gusa ku bwoko runaka; abasigaye babo ntabwo babibona. Murabona? "Ndagushimira Wowe, Data, wahishe ibi bintu amaso y'abanyabwange n'abahanga, nuko ubihishurira abo bashobora kubyiga." Ibyo ni ukumenywa mbere. Atari Uko ariyo Yabikoze, nko kuvuga iti, "Ndahitamo wowe, ndeke wowe." Kubwo kumenya mbere Yamenye icyo uzakora.

Kubwe kubwo kuba utagira iherezo… Mwizeye ko Ari utagira iherezo? Niba Atariko ari, Ntabwo yaba Imana. Noneho, mubitekerezeho, kubwo Kuba utagira iherezo izi buri mbaragasa yose ishobora kuzaba kw'isi, inshuro zose izo mbaragasa zizakubita ingohe z'amaso yazo, ibinure bingana iki muri buri mbaragasa, buri kibabi cyose cy'icyatsi izigera ihagararaho; uwo ni utagira iherezo. Twe tugira iherezo; tugasitara mu mwijima. Imana yatugereranije n'intama, kandi tugomba kugira umuyobozi. Kandi uwo muyobozi ntabwo ari umuntu; uwo Muyobozi ni Umwuka Wera, Umwuka wa Kristo muri twe. "hasigaye igihe gito isi ntiyongere kumbona." Umubiri We ufatika wazamuwe ku ntebe y'Imana, aho Umwuka wari uri ku ntebe y'ubwami; ubu Kristo ari ku ntebe: Yesu. "Hasiga igihe gito maze isi ntiyongere kumbona ukundi, nyamara mwe muzambona, kubera ko nzaba hamwe na mwe kugera ku mpera y'isi, Mbe no muri mwe." Intebe y'Imana, ya Kristo, yubutswe mu mitima yanyu; kandi Yicaye ku ntebe y'ubwami y'Imana; ariko muri millenium Azaba yicaye ku ntebe Ye bwite; ariyo, Yarirahiye ko Azazura uyu muntu, Umwana Wayo, Umwana wa Dawidi, kugira ngo yicare ku ntebe Ye.

61 Noneho, ibi bintu ibihishurira binyuze mu kumenya mbere abo yageneye ibi bintu; naho ubundi ntibashobora kubibona. Bahagarara aho babireba ariko ntibashobora kubibona.

Ni bangahe bigeze babona ya foto y'inka iri mu gihuru, iyo ari ngombwa ko ushakisha cyane? Ese mwigeze mubona ibyo? Cyangwa, kubona ifoto ya Kristo iri mu gihuru, cyangwa mu kirere, cyangwa igicu? Murabona, uriya ushushanya yabikoze mu buryo ugomba kubireba mu buryo runaka kugira ngo ubibone. Nibyo, noneho, igihe wigeze ubibona rimwe, ntabwo wakongera kugira ikindi kintu ubona uretse ibyo. Burigihe uko urebye, biba biri aho. Ni bangahe babonye iyo foto? Nibyo, ni ukuri mwarabibonye.

Nibyo, ubwo nibwo buryo Kristo ubwe ari Ubutumwa Bwiza, ubutumwa ni ubwo. Igihe ubonye Ubutumwa bw'igihe, nta kindi ushobora kubona uretse bwo. Ibyo birahagije. Ibindi bintu byose biba bigiye; ibisigaye ni ukuzuza(Murabona, murabona?) igihe wigeze ubona Ubutumwa inshuro imwe.

62 Ibyo—byari mu gihe cya Nowa. Igihe Nowa n'abantu be…?... Igihe babonye ubutumwa, nta kindi cyari gifite agaciro. Igihe itsinda rya Mose ryabubonye, nta kindi cyari gifite agaciro. Igihe itsinda rya Yohana ryabubonye, nta kindi cyari gifite agaciro. Igihe itsinda rya Yesu ryabubonye nta kindi cyari gifite agaciro. Igihe itsinda ry'intumwa ryabubonye, nta kindi ryari gifite agaciro. Igihe itsinda rya Luteri ryabubonye nta kindi cyari gifite agaciro, itsinda rya Wesley ryabubonye, itsinda ry'Abapantekote ryabubonye, nta kindi cyari gifite agaciro; bagiye kure ya buri kintu. Kubera iki? Kubwo kumenya mbere Kwayo Yateguye mbere ko ibi bintu bizabaho.

63 Itoranya abayo binyuze mu kumenya mbere kwayo. Nkuko yabivuze mu ba Roma 8 hano, ko Esawu—uwo—kugira ngo gutoranya kw'Imana kube ari ko… Ni uko Esawu na Yakobo bombi bavutse ku babyeyi bera kugira ngo gutoranya kwayo kube ari ko kandi ari ukuri, aravuga ati, "Nanze Esawu kandi nkunda Yakobo," mbere y'uko havuka n'umwe. Murabona? Izi ibiri mu muntu. Yari izi kuva mw'itangiriro ibyo ari byo; bityo igatuma buri kintu gikora neza neza kw'isaha yacyo. Twese ducika intege ndetse tukabuzwa amahoro; ntuzigera uyibona ibuze amahoro; ntibyabaho. Murabona? Ibintu byose bigenda neza; neza neza, bikurikije isaha.

Ibi bintu byagomba kubaho, aba bagore bose n'imisatsi migufi, ndetse n'aba bagabo bambara ibyo—bafite imisatsi kimwe n'abagore babo. Ndababona, nyakuri, bafite ibyo bituta mumisatsi yabo, babizinze hano hejuru. Mbega kwangirika. Izo ni ingaruka za Edeni ya Satani. Nuko nimumurebe, arimo aragerageza gukata imisatsi kimwe n'umugabo we. Umugabo we nawe akareka imisatsi ye igakura kimwe n'iy'umugore we. Kandi arimo kwambara imyambara ye, ndetse akambara imyambaro y'imbere ye. Murabona, ngaho aho muri. Umugore arimo kuba umugabo, umugabo nawe akaba umugore. Murabona, ni Edeni ya Satani, binyuranye n'uburyo Imana yabiremye kw'itangiriro. Uko ni Ukuri.

64 Iyo ntatangira, ntabwo twari kwinjira muri ibi. Ariko ibi bintu, ndetse n'uburyo Bwe bwo kubikora, n'uzabikora, ubwo ni uburyo Bwayo bwo gutoranya; Iratoranya. Ubwo ni bwo buryo Ishaka ko bikorwamo.

Nkuko numvishe Mwenedata Pearry Green, pasteri wacu muri Tucson, abwiriza irindi joro kubijyanye n'uburyo Imana yakoze ibintu mu buryo runaka(nibagiwe umutwe yarimo abwiriza.), ariko yaravuze ati, "Ubu nibwo buryo Imana ibishaka; ubwo nibwo buryo Imana ibikora." Nibyo, ni ukuri.

Noneho, ninde muri twe uyishinja amakosa? Ninde watinyuka guhagarara imbere y'Imana, maze akavuga ati, "Uri mu makosa, Mwami, Wagombaga kubikora mu buryo nshaka ko ubikora, uburyo Dr.

runaka yavuze ko bikwiriye gukorwamo"? Uwo ni nde wataye umutwe wo kuvuga ikintu nk'icyo? Oya, ntabwo wasohoka ngo uvuge ibyo, ariko murabitekereza.

65 Kimwe no mu Butumwa bwanjye kuri antikristo, "Aho hazahaguruka ba kristo b'ibibinyoma." Noneho, ntabwo yavuze ngo ba Yesu b'ibinyoma. Murabona, nta muntu wahagarara ngo yiyite "Yesu," mu gihagararo cy'Umwami. Ariko ba kristo b'ibinyoma bisobanuye "abasigwa."

Oh, bo, buri wese atekereza ko asizwe, "Icyubahiro n'icy'Imana, ushobora gukora ibi ndetse ugakora biriya." Ariko mugerageshe Ijambo nuko umenye aho yaturutse(Murabona?), ku butumwa bw'igihe.

Bari basizwe mu gihe cya Yesu, ariko atari kuri we. Bari bafite gusigwa mu gihe… Yewe na Datani yari asizwe mugihe cya Mose. Aravuga ati, "Noneho, ntutekereze ko ari wowe wera wenyine hagati muri twe; Imana ifite benshi. Tugiye gutangira ishyirahamwe hano, itsinda ry'abantu."

Imana iravuga iti Mose, "Itandukanye na we." Ifungura isi nuko irabamira. Yari yarahaye Ijambo Ryayo ry'umwimerere Mose, umuhanuzi Wayo; ubwo nibwo buryo bwonyine Yigeze ibikora, kandi nibwo buryo bwonyine Izigera ibikoramo. Ntabwo ijya ihindura gahunda yayo. Murabona?

66 Niko Ibitekerezo byacu ari amakosa. Ibitekerezo byayo biratunganye igihe cyose. Kandi ntukagerageze kuyibwira ko iri mu makosa. Uwo twatekereza wese ko abibereye; ibyo ntabwo ari ibyacu kuvuga uwo bibereye. Noneho, aho niho mugeze mw'ishyirahamwe ryacu.

Mwenedata umwe muto wuzuye Umwuka azajya mu mugi maze yubake ishyirahamwe—yubake—itsinda ryiza ry'abantu, kandi aho mu nama bazahura, nuko benedata bera bose bazajya hamwe, murazi, maze uvuge uti, "Murazi ibyo aribyo? Nizera ko Jones hano(ni umuntu ugaragara muri bo.), ntekereza ko agomba kugira ruriya rusengero runini rwiza; niko ntekereza. Ese ntimubona ko ari byo?" Nuko ho, mbega. Ngaho aho agiye. Maze hanyuma itorero rigatatana. Murabona?

"Mwitandukanye." Imana iratandukanya; Niyo ibikora. Ariko bo bose, buri wese, ashaka gutwara akantu gato hano, akagashyira hakurya hano, n'akandi akagashyira hepfo hano. Ibyo n'ibitekerezo by'umuntu.

67 Umuntu afite imfunguzo, ariko Imana niyo ifashe imfunguzo ubu. Yazihaye intumwa, itorero ryera, imfunguzo; nuko reba inshuro ya mbere bazikoresheje. Igihe Yuda yagwishijwe n'ibicumuro, bagiye hamwe maze bakora ubufindo, nuko abantu bera… Ninde wari kuvuga y'uko batari abera? Ninde uvuga ko batari abera? Ariko bakoze ubufindo, nuko bigwa kuri Mattias. Kandi igihe we... N'iki yigeze akora? Nta nakimwe. Ariko Pawulo yari yatowe. Amena. Uko kwari ugutoranya kw'Imana: uwo muto, wayobotse, uvuga aningura, uwo muyahudi w'umunyamahane. Atari Mattias, uwo ufite D.D., murazi, we—we yari... Ahubwo Pawulo; itorero ryatoranyije—ryatoranyije Mattias. Murabona? Nta burenganzira bwo kuvuga ko Imana iri mu makosa. Izi ibyo iri gukora; Izi uburyo umuntu aremye.

Ninde wo muri bo wari kwigera atoranya Pawulo? Oh, oya, ntibyigeze. Baravugaga ati, "Uriya muntu niwe udushyirisha mu nzu y'imbohe."

Ariko Imana yaravuze iti, "Nzamwereka ibyo azababazwa kubere Njye." Irabizi.

Niko biri, uwo twatekereza ko ariwe ukwiriye, Imana izi uwo bibereye kubera ko Izi imitima y'abantu; irabizi.

68 Yaba ububyutse, cyangwa ibi bintu bindi ntabwo biba mu gihe dutekereza ko bikwiriye kuba. Turatekereza tuti, "iki nicyo gihe gikwiriye, icyubahiro kibe icy'Imana." Nabonye hariya mu materaniro y'abacuruzi ndetse n'ibindi, "Vuba aha, halleluya, ububyutse bukomeye buraje."

Ntimugashukwe, "Yaraje, kandi bamugenza uko bashaka" Ariko batekereza ko hari ububyutse. Ese nibyo biri kuba? Oya byararangiye, byarapfuye; byararangiye(uh-huh). Mwitegereze, iki ni igihe cyo gutunganya amatabaza, mugasohoka kandi mukinjira. "abo bategereje Uwiteka bazasubizwamo imbaraga nshya."

69 Mwitegereze hano mu kibwiriza cyacu, mwitegereze Dawidi, umwami w'Abayisiraheli; niwe wari ufite guhishurirwa ko kugarura isanduku y'Imana aha hantu; kuburyo batigeze babyigaho mu minsi ya Sawuli kubera ko Sawuli yari yarasubiye inyuma. Niko batigeze babaza isanduku na gato, isezerano, mu minsi ya Sawuli, kubera ko yari yarasubiye inyuma kandi akajya kure y'Imana. Niko Dawidi, yagiye vuba, hamwe no guhumekerwa... Noneho, mwitegereze ibi. Iyi ni ingingo igoye cyane niba utayumvishe neza. Kandi ndumva igihe kigeze ubwo tugomba kuba abagabo tutakiri impinja. Tugomba kurya inyama aho kuba amata.

70 Mwitegereze Dawidi, umwami w'Abayisiraheli yari asizwe amavuta vuba, cyangwa atowe kuba umwami, Sawuli… Samweli yari yamusize kubw'ubushake bw'Imana; kandi yari mu buryo bwuzuye uwo Imana yatoranije, nta gushidikanya kuri byo. Kandi nguyu hano, hanyuma guhumekerwa kuramufata. Byari byahishuriwe Dawidi. Yari afite guhishurirwa, nta wundi wari wagize icyo abivugaho, "reka tugende

maze tuzane isanduku, kubera ko ubwo ari ubushake bw'Imana ko tuyigira hano hamwe natwe, kugira ngo tujye tubaza Imana binyuze kuri iyi sanduku." ikintu gikomeye cyane cy'ubutwari, ese siko mubitekereza? Niko biri.

71 Mwibuke, ariko, we kubwo kuba umwami no kugira guhishurirwa, arenga urwego rwe. Aho hari umuhanuzi mu gihugu ufite izina rya Natani; niwe wari warasigiwe kugira ngo agire guhishurirwa. Hari ikigomba kuvugwa; Aravuga ati, "Umwami ntacyo ajya akora atabanje kugihishurira imbata ze aribo bahanuzi." Ariko, urabona, Dawidi yari umwami, hamwe no gusigwa hejuru ye... nonese, ibyo si Ibyanditswe? Gusigwa kumuriho, kandi afite guhishurirwa k'ukuri; ariko byari amakosa. Kubera ko Natani yari umuhanuzi wakiriya gisekuru, kandi guhishurirwa ntabwo kwigeze kuza kuri Natani, kandi igihe guhishurirwa kwaje kuri Dawidi ntabwo yigeze ajya kureba Natani kubijyanye nabyo. Yahise ajya imbere maze akora ibyo yashakaga gukora.

72 Ariko mwitegereze uwo Dawidi yagishije inama mu gice cya 13, "Ahubwo agisha inama abatware b'ingabo batwara igihumbi n'abatwara amajana," agaruka kw'iteraniro rye. Murabona? "Noneho, ese ntimubona ko dukwiriye gukora..." Ibyo si byo. Noneho, yarimo agerageza gukorera Imana umurimo, ariko ntabwo yari yarasigiwe kuwukora(Murabona?), kubera ko Imana yari ifite inzira.

Kimwe n'uko Imana yajyaga kuvugana—n'umwami kubijya n'uburibwe bwe ndetse no kumera neza, ariko ntabwo yabikoze. Yari yarateganyije uburyo bwo kubikoramo; uwo yari umuhanuzi We. Nuko avugana n'umuhanuzi. Yesaya yaramubwiye ngo asubire inyuma ajye kureba Hezekiya kubigiye kuba.

Noneho, Hezekiah yarimo avugana n'Imana amaso ku maso, kandi—kandi Imana yashoboraga kuvugana na Hezekiya, birumvikana, ariko Yaremye umuyoboro runaka. Murabisobanukiwe? Imana ifite uburyo Bwayo yateganije ko ibintu bigomba kugenda: kohereza ububyutse, kubwira, kuganira, icyo byabacyo cyose. Ifite uburyo bwayo bwo kubikora, kandi ntacyo turicyo cyo kuyibwira uko ikwiriye kubikora. Ibikora mu buryo buyinejeje bwo kubikoramo.

73 Nuko murabibona, Dawidi, kubwo guhumekerwa… noneho, muribuka navuze gusigwa, gusigwa kw'ibinyoma? Mwibuke Umwuka Wera ashobora kuza agasiga umuntu, kandi nabwo bikaba bikiri hanze y'ubushake bw'Imana. Hano birahamirijwe neza. Murabona? Tugomba kugendera mu nzira y'Imana bikwiriye gukorwamo, atari inzira zacu, inzira z'Imana zo kubikora. Kubera ko, Dawidi kubwo kuba umwami, umusigwa, umusigwa hamwe n'Umwuka w'Imana kuri we(ashushanya Yesu Kristo), nyamara ntibyari umuyoboro w'Imana.

Kandi iteraniro ryose, birabashimisha, birabashimisha, niko Bibiliya ivuga. Mwitegereze, abatware batwara ibihumbi n'abatwara amajana, ndetse n'abatambyi n'abanyatewologiya batekereza ko byari byiza. Aho niho hari ayo mashuri yanyu ya Bibiliya ndetse n'ibindi byose; batekereza ko ari byiza. Yewe abantu bose barabyemera, n'abatambyi, ndetse—ndetse abo bose bemeranyaga ko gusigwa k'umwami kwari ukuri. Mwitegereze. Ariko Imana ntabwo yari yasezeranye guhishura Ijambo ryayo mu gihe cyaryo kuri bo. Imana ifite inzira zayo zo guhishura Ijambo Ryayo, ariko atari kuri bo. Mwibuke

74 Ikintu kimeze nko mu minsi ya Mikaya umuhungu wa Imrani. Mwibuka iyo nkuru? Yuda na Israheli bari baratandukanye, kandi bari bafite ubwami bubiri butandukanye, kandi Ahabu yari umwami w'ubwami bumwe. Kandi Yehoshafati yari umwami hakurya—ubwami bwa Yuda, ndizera ko yari we; kandi Ahabu yari hakurya muri Isiraheli, Yerusalemu.

Mwitegereze, kandi hanyuma hano haza itsinda ry'abanyamahanga maze bafata igice cy' ubutaka bwatanzwe n'Imana ubwo Imana yahaye Isiraheli, kandi abo Bafilistiya aho haruguru, Abasiriya, bari baratwaye ubwo butaka kandi barimo bagaburira abana babo muri ubwo butaka bwari ubw'Abayisiraheli. Kandi nuko bo bari bakeneye ubwo butaka ngo bagaburire abana babo ndetse n'imiryango yabo. Imana yarabubahaye... Ubwo bwari uburenganzira Imana yabahaye.

75 Kandi nuko Ahabu yahamagaye Yehoshafati, maze aravuga ati, "Manuka." Aravuga ati, "Reba hariya ibyo umwanzi wacu arimo gukora. Ese birakwiriye ko twe, ubwoko bw'Imana, hamwe n'uburenganzira Imana yaduhaye ko dukwiriye kugira iki gihugu… Ni icyacu, Imana inyuze mu bahanuzi Bayo, Yoshuwa, yagabanyije ubu butaka; kigomba kuba icyacu; ni icyacu, ni icy'abana bacu; none hano aba communist baragitwaye, kandi dufite... Turarakaye, kandi batwaye uburenganzira twahawe n'Imana yacu. Ese ntubonako dukwiriye kuzamuka tukisubiza ubutaka bwacu? Ni turamuka duhuje imbaraga zawe: Iyo twe Abametodiste, n'Abapresbyterians, na bose, n'Abapresbyterians, n'Abaluteriyani, ndetse n'abandi, bose bafata inama mpuzamadini hano noneho, twese tuzajya hamwe, kandi tuzafata icyo kintu." (Ndimo ndavuga kandi mvugira mu migani noneho) "Tuzagenda tugifate."

"Kubera iki," Aravuga ati, "nyakuri, twese turi umwe."

Noneho, Bibiliya iravuga ati, "Nigute babiri bagendana batasezeranye?" Murabona?

Aho hari umuntu ukomeye, uwo muntu ukomeye w'umupantekote, Yehoshafati, wivanze igihiriri kiri mu makosa. Kandi ibyo nibyo byabaye ku Bapantekote bacu uyu munsi. Hari abantu beza aho, ariko

barivanze mu madini y'ikivange. Muve muri icyo kintu. N'ibyavumwe n'Uwiteka.

76 Mwitegereze noneho. Yari araho, kandi aravuga ati, "Yego, ibyo birumvikana." Aravuga ati, "Amagare yacu ni ayawe, abantu bacu; uretse n'ibyo, twese turi Abayahudi. Nyakuri, tuzazamukana na mwe." Ariko iri niryo yobokamana rihagije ryari risigaye muri Yehoshafati kugira ngo avuge ati, "Ese ntimubona ko bikwiriye ko tubaza Umwami mbere?" Murabona? "Ndatekereza ko ibyo ari ibitekerezo byiza."

Kubera iki, Ahabu, birumvikana, aravuga ati, "kubera ko ,oh, nyakuri, nkwiriye kubitekerezaho."

"Byiza, ese hari ahantu hari umuntu w'Imana? Ese mufite umuhanuzi?"

"Oh, mfite maganane bo muri bo. Mfite inama yabo yose hano hepfo, idini yose. Abahanuzi b'Ababaheburayo."

77 Noneho, mwibuke, Bibiliya iravuga iti bari abahanuzi, abahanuzi b'abaheburayo, ntabwo bari abahanuzi ba banyamahanga, ahahanuzi b'abaheburayo: ishuri ryabo, seminari ya tewologiya.

"Nibyo, mubazane"

Kandi abami bari bambaye ubwabo kandi bicaye imbere kugira ngo abahanuzi babubahe. Kandi hano haza, ndibwira ko ari Zedekiya arazamuka, uwo mutware ukomeye ukuriye inama y'itorero ku rwego rw'akarere, cyangwa icyo yaba yaricyo, arazamuka hagati muribo. Yari yicurishirije amahembe abiri manini; aravuga ati, "Numvishe ibivuye ku Mana. UKU NIKO UWITEKA AVUZE, 'Hamwe naya mahembe muzirukana Abasiriya mubakure mu gihugu.'"

"O ishimwe!" buri muntu yatekereje ko ari ibitangaza, ni byiza.

78 Mwitegereze ubu uko byegeranye kugeza aho umwanya uri hagati y'ukuri n'ibinyoma ungana n'urwembe. Kandi mwibuke, bizagwa ku ruhande rumwe cyangwa urundi; kandi bizamanuka igihe kimwe bigera ho itandukandiro hagati y'ukuri n'ikinyoma ringana n'urwembe rusongoye cyane. Bigomba kuba buri Jambo ry'Imana, atari kuba hafi buri Jambo, ahubwo buri Jambo. Kandi byaramanutse uyu munsi, atari ku Baluteriyani, atari ku Bametodiste, atari ku Bapantekote, ahubwo kuri cya gisekuru gisongoye, muri iki gisekuru aho gusigwa kw'antikristo kugeze kugutungana, ashobora no gushuka n'intore niba bishoboka; bazagwa ku ruhande rw'ibinyoma niba batabaye maso, kimwe n'igihato. Mwitegereze. Mube maso. Ntabwo turi kuba mu gihe cy'Abapantekote noneho. Twarenze icyo gisekuru, kimwe n'uko twarenze Luteri, no kurenga...

79 Mwitegereze. Noneho, abahanuzi bose barahanuye, maganane muribo,bariye neza, bitunganyije, abahanuzi b'Abaheburayo batanze ubuhamya, bahuje umutima bati, "UKU NIKO UWITEKA AVUGA, 'Zamuka; Umwami ari kumwe nawe."

Yehoshafati yaravuze ati, "Byiza, ibyo—ibyo birumvikana neza." Ariko aravuga ati, "ese—ese hari undi mufite?"

"Undi? Dufite idini ryose hano; dufite inama yose hano iteraniye hano. Kubera iki dukeneye undi?"

Aravuga ati, "Oh, ariko ndibwira hashobora kuba hari undi."

Aravuga ati, "Oh, mbega, hari undi, ariko ntabwo aba muri iyi nama. Ni umuntu utemewe mu bantu. Ni Mikaya, umuhungu wa Imrani, kandi ndamwanga." Murabona? Aravuga ati, "Ntabwo bamwakira mu busabane, kandi ni umuntu utemewe kuva na mbere. Kandi nibihe byose, buri kintu ahanura ntabwo kiba gishishikaje seminari yanjye na gato. (Uh-huh) Kandi akora ibi bintu byose nabi; igihe cyose ampanurira ibibi kugira ngo agire itandukaniro."

"Oh," Yehoshafati aravuga ati, "reka umwami ye kuvuga nk'ibyo. Ahubwo ndifuza kumva icyo uwo muntu afite kuvuga."

Aravuga ati, "Nibyo, tugiye kumushaka."

80 Nuko batumaho aho hanze mu butayu, maze bohereza umuntu, aravuga ati, aramubwira, ati "Noneho, ari munzira asubirayo, ndashaka kukubwira ikintu. Urashaka gusubira mu mamadini nanone? (Murabona?) Urashaka kongera kugirana ubusabane nabo nanone? Niba ariko biri, uvuge ibintu bimwe n'ibyo ukuriye itorero ku rwego rw'akarere yavuze; uvuge ibintu bimwe n'ibyo bishop yavuze, kandi bazahita bakugarura. Noneho ni umwanya wo kubikora."

Ariko mwashobora kwibaza umusigwa, umuhanuzi w'ukuri w'Imana agambana kw'Ijambo rimwe ry'Imana? Oya ntibyababaho.

Aravuga ati, "Ndahiye Uwiteka Uhoraho, ndibuvuge gusa icyo Imana yavuze." Dukeneye umwana wa Imrani. "Ndahiye Uwiteka Uhoraho, nzavuga gusa icyo yavuze(Uko ni ukuri.), icyo Yavuze."

81 Nuko igihe bageze aho hepfo imbere y'abantu, abahanuzi bose, baravuga bati, "Noneho, uravuga ko bo..."

Aravuga ati, "Mutegereze gato, mumpe ijoro rimwe; ndebe icyo Uwiteka ari bumbwire." Nuko muri iryo joro Umwami aramubonekera mw'iyerekwa maze amubwira icyo agomba kuvuga.

Mu gitondo gikuriyeho yaravuze ati, "N'iki uvuga, Imrani?" igihe bose bari bahagaze hanze—cyangwa ndashaka kuvuga "Mikaya, umuhungu wa Imrani," aravuga ati, "Noneho n'iki uvuga? Twese turi hano hamwe, abatambyi bose, ndetse n'abahanuzi bose, n'abami bose, kandi buri kintu cyose cyateguwe hano. N'iki uvuga kuri iyi nama ikomeye?"

Aravuga ati, "Muzamuke," ati, "ariko nabonye Isiraheli itatanye nk'intama zita umushumba."

Kandi Ahabu aravuga ati, "N'iki nakubwiye? Uyu muntu mubi icyo ashobora gusa ni ukumpanurira ibintu bibi."

Ni gute yajyaga kuvuga ikintu kindi mu gihe Imana yarimo ivuga ibyo? Umuhanuzi akwiriye kuba ari akanwa k'Imana kavuga, atari ibitekerezo bye bwite. We… aravuga gusa. Aba yariyeguriye Imana byuzuye; ntacyo aba ashaka gukomeretse, ariko agomba kuvuga icyo Imana yavuze; kubera ko ubwe nta bugenzuzi aba abifiteho. Murabona?

82 Aravuga ati, "Nari nabikubwiye!"

Kandi aho haruguru haza—uwo mugabo ukomeye n'amahembe maze amukubita urushyi ku munwa; aravuga ati, "Ni mubuhe buryo Umwuka w'Imana wamvuyemo ukakujyamo?" Muyandi magambo, reka ngerageze kubigaragaza, "Murebe hano… Murebe hano; ndashaka kubabwira ikintu, Mikaya. Uzi neza ko ndi umuhanga mu Byanditswe? Ese uzi neza ko mfite gusigwa?" Cyangwa, "Umubatizo. (Turibubivuge uyu munsi.) Uzineza ko ibyo mbifite?"

Imrani aravuga ati, "Ibyo ntabwo mbishidikanyaho."

Aravuga ati, "ariko mwumve. Umwuka w'Imana yavuganye nanjye, kandi bihamywa n'aba maganane banjye hano, ko tugiye kwimura Syria hanze y'ubutaka. Noneho wowe uri inde uza hano maze ukavuga uti umwami wacu agiye kwicwa?" Aramuzubiza ati, "Umwuka w'Imana niko wambwiye ."

83 Reka mbigaragaze neza kugira ngo mubyumve. Kandi ahari murabona Mikaya avuga ati, "Ijoro ryakeye mw'iyerekwa, mugabo, nabonye Imana yicaye ku ntebe y'ubwami. Kandi mbona ingabo zose zo mw'ijuru ziyizengurutse, kandi hari hari kuba inama mw'ijuru. Baravuga bati, 'Ninde twabona wamanuka maze akajya gushuka Ahabu? Kubera ko munsi y'intebe y'ubwami hano hari umuhanuzi, umuhanuzi w'ukuri, izina rye ni Eliya. Kandi yahanuye binyuze mw'Ijambo Ryanjye maze avuga ko "Uriya mugome Ahabu, kubera ko yishe Naboti, imbwa zizarigata amaraso y'uwo mugabo w'umugome" kandi tugomba gutuma ibyo bisohora, kubera ko ibyo byavuzwe. Ibi ni UKU NIKO UWITEKA AVUZE. Bigomba gusohora. Mbega ni gute tugiye kubigenza?'"

84 "Hanyuma hepfo aho muri iryo yobokamana rya biguruntege ry'abayobye, aho hepfo haza umwuka ugenda uzamuka, aravuga ati, 'ndi umushukanyi, kandi nashobora kubakorera umurimo, ndibumanuke maze njye mu bahanuzi be. Kubera ko bishyize hamwe bashobora kumva ikintu kimwe gusa, kandi ni kwa kwiyumvayumva. Kandi nzatuma bahanura ibinyoma. Kandi nzatuma Ahabu atega amatwi abo banyacyubahiro aho kumvira umuhanuzi Wawe w'ukuri'; kubera ko azagenzuza buri kintu Ijambo Ryawe; Azagenzuza amayerekwa ye Ijambo; azagenzuza buri kintu akoze akoresheje Ijambo; kandi niba kidahura n'Ijambo ntabwo azacyumvira, Ariko niba bo... Nashobora kuyobya aba bandi, kandi nza... bo... Ahabu afite icyizere gikomeye muri ubwo bumwe bukomeye bw'umutekano wabo, bagenda aho hose hamwe kandi bazaba bari hamwe. Kandi nzatera Ahabu kubumvira, maze asohoke hariya. Kandi uko niko tuzabikora."

"Imana iravuga iti, 'Ushobora kubikora, uri umushukanyi nyakuri; ngaho manuka.'"

85 Maze hanyuma Zedekiah amukubita urushyi ku munwa, aravuga ati, "Wari urihe..."

Aravuga ati, "Ibyo uzabimenya ubwo uzaba wicaye mu kumba k'imbere.(Uh-huh.)"

Aravuga ati, "Zamuka." Zedekiya abwira umwami. Aravuga ati, "Zamuka kandi uzagaruka amahoro."

Ahabu aravuga ati, "Mufate uriya muntu maze mu mushyire mu nzu y'imbohe. Mumubohe; mumugaburire umugati w'agahimano n'amazi y'agahimano." Kandi igihe nzagaruka hamwe n'itsinzi yanjye nturutse hariya hanze, iyo abahanuzi banjye bambwiye ko ubu bubyutse nyakuri buzaba," ati, "nzarebana n'uwo muntu."

Mwumve amagambo yanyuma ya Mikaya kuri uwo mugabo: "Nuramuka ugarutse na gato, ubwo Imana ntabwo izaba yavuganye nanjye." Amena.

Murabona, Imana mu nzira Zayo zo gukora ibintu. Aba bantu batekereje ko bari gukorera Imana umurimo. Mwitonde. Ntabwo ari amarangamutima, ntabwo ari ugushaguruka, ntabwo ari ugukeka, ahubwo bigomba kuba UKU NIKO UWITEKA AVUZE, bigomba kuba byo. Niko biri, uko byaba... Ibi bintu tubibona gutyo.

86 Mwitegereze noneho igihe Dawidi yakoze iri tangazo rikomeye. Kandi byagaragaraga nkaho ari byiza, ikintu cyiza cyo gukora, noneho tubona ko… (Ese ndimo ndabananiza? Ese natinze…?...) Bakoze iri tangazo rikomeye. Ntabwo yigeze agisha inama umuhanuzi.

Noneho, buri wese muri mwe azi Amos 3:7 havuga ko Imana yasezeranye ko ntacyo izakora itabanje Kugihishurira abahanuzi Bayo. Nubwo ibihe by'amatorero twagize byari bifite abagorozi, ariko yasezeranye binyuze muri Malaki 4 ko hazaba umuhanuzi mu gihugu mu minsi yanyuma, kubera ko bigomba guhura n'urwo rugero(Murabona?) mbere y'uko igihe cy'imperuka kiza.

87 Mbere y'uko Yesu aza bwa mbere, Eliya yaraje, Eliya wo muri Malaki 3. Matayo 11 niko havuga, "Niba mwashobora kubisobanukirwa, uyu niwe wavuzwe ngo, 'Dore ndohereza—integuza Yanjye imbere Yanjye.'" Noneho, Yarahanuwe, abanyatewologiya bose bizera ibyo; ibyo, mu minsi yanyuma, Umwuka wa Eliya ugomba kuza. Ugomba kuza inshuro eshanu, Imana ikoresha uwo Mwuka: Elisa, Eliya, Yohana umubatiza, kandi kw'itorero ry'abanyamahanga, noneho hanyuma ku Bayahudi ho mu Byahishuwe ibice 11. Ubwo ni ubuntu bw'Imana[mu cyongereza God's g-r-a-c-e —kiny.Ed], kwizera[f-a-i-t-h —kiny.Ed], Yesu[J-e-s-u-s —kiny.Ed], Yesu, ayo—ni inyuguti eshanu. Ntabwo yahagararira kuri kane; zigomba kuba eshanu. Murabona? Mwitegereze.

88 Noneho, Yasezeranye ibyo, ibyo bishyira Bibiliya mu mwanya muri iki gihe, kandi Sodoma na Gomora. Kandi Eliya ntabwo yari… Uwo ntabwo yari Eliya; Uwo wari Umwuka w'Imana kuri Eliya; Eliya yari umuntu. Noneho, twagize Eliya, n'ikote rya Eliya; ndetse umwitero wa Eliya, kandi Eliya buri kintu. Ariko Eliya w'iyi minsi ni Umwami Yesu Kristo. Agomba kuza bikurikije Matayo ibice cumi na birindwi—cyangwa Luka 17:30. We... Umwana w'umuntu agomba kwihishura ubwe mu bantu Be: atari umuntu, Imana. Ariko bizaza binyuze mu muhanuzi. Kandi ntabwo ajya agira abahanuzi bakuru babiri mu gihe kimwe. Ntabwo byigeze bibaho mw'isi. Murabona? Uko abahari baba bangana..Babiri—imitwe ibiri ntishoboka...Hagomba kuba umutwe umwe. Imana igomba kugira umuntu umwe uri munsi y'ubugenzuzi bwayo. Murabona? Hari Imana imwe; hariya hari Data, Umwana, n'Umwuka Wera, ariko Imana imwe iri hejuru ya byose, mwitegereze, kandi yakoresheje ibyo biro byose. Nuko Yakoze hamwe na Eliya, Umwuka wa Eliya; yakoresheje uwo Mwuka, ahubwo iyo Mana imwe ibigenzura igihe cyose kugira ngo isohoze Ijambo Ryayo.

89 Noneho, mwitegereze muri ibi noneho. Dawidi yatekereje ko ibintu byose byari mu murongo. Kandi ko yari ahumekewe. Murabona uburyo Umwuka Wera ashobora gusiga umuntu? Ariko bigomba kuba mu murongo wo gusigwa. Umwuka wo hanze ushobora gusigwa n'Umwuka Wera ariko ubugingo bwo bwijimye cyane nka wino. Amatovu akuzwa n'amazi amwe ayo agize—ashyira ubuzima mu ngano, niyo ashyira ubuzima mu gitovu; ariko aho ku ndiba y'igitovu, ni ubuzima bw'igitovu. Kiba kinezerewe, kizana uburabyo, kandi gifite ubuzima, ndetse kigakora buri kintu kimwe n'uko ingano ibikora, ariko ubugingo bwacyo ni igitovu. Murabona? Abigisha ibinyoma bashobora guhaguruka, bakigisha ubwoko bwose bw'ubutatu na buri kintu, kandi bakaba basizwe n'Umwuka Wera, kandi bagakora ibitangaza byinshi nk'ibyo Ubutumwa Bwiza bw'Ukuri bushobora gukora. Ariko binyuze mw'Ijambo hano, icyo nicyo kibikora. Murabona icyo nshaka kuvuga? Noneho, birakwiriye kwigisha ibi, ndakeka; ndi—ndi mu rusengero rutagira aho ruherereye mu madini iki gitondo muri—muri iyi hotel hano.

90 Mwitegereze, murebe ibyo turimo kuvuga. Noneho, nibyo, mwumve. Dawidi yari afite ayo marangamutima ayo ububyutse bw'ukuri bugira. Mwitegereze. Barasakuje, bavuza akaruru; barabyinye; nyakuri yari ikintu bakuye muri uko gusigwa: nyakuri byarabaye. Byose kimwe n'ububyutse bw'ukuri, ariko mwitegereze, Imana ntago yariri muri byo. Imana ntago yari muri byo. Yari ifite umuhanuzi wari wicaye mu gihugu uwo bagombaga kumenya. Murabona? Dawidi yagombaga kuba yaramenye ibyo.

Ikintu uyu munsi, dufite za mekanike zose, nkaya madini akomeye, ibiterane bikomeye byo mu gihe cyacu, ariko ibisubizo bikagaruka bikimeze nkuko byari bimeze mbere; ibisubizo by'ibyo biterane bikomeye byacu, ndetse n'izo mpamvu zacu nziza kandi nini, inyubako nini zacu, ndetse izo—nyubako z'ibihumbi byinshi, ndetse no kongera abanyamuryango n'ibindi, ariko bikarangira mu buryo bumwe, byose ntacyo bitanga. Ibyo ntabwo ndimo mbivugira kugira ngo mbe uwihariye; Ndimo ndavugira ibyo kugira ngo mbe umunyakuri imbere y'Imana nyiri iki Gitabo mpagazeho iki gitondo. Murabona? Byose byarangiye ntacyo bitanze, ibisubizo bimwe.

91 Noneho, reka turebe icyabaye igihe Imana mu gihe Cyayo n'igisekuru ndetse umuhanuzi Wayo byirengagizwaga, bakishingikiriza kuri tewologiya, abatambyi, imikorere ya kidinini nkuko tubikora uyu munsi. Noneho mwumve, neza. Byose byarangiraga byangiritse. Niba ari Umwuka w'Imana Nyakuri uri aho, uzayobora mw'Ijambo; atari ahantu hamwe mw'Ijambo, Ijambo ryuzuye mu gisekuru cyose. Murabona?

Umunsi wa Pantekote, Umwuka wabyerekeje muri Ryo neza, muri Yoweli 2:38. Murabona? Iminsi ya

Luteri, Yayiyoboye muri Ryo; Wesley; mu gihe giheruka cy'Abapantekote; ariko iki n'ikindi gisekuru; iki n'igihe cyo gusohoka k'Umugeni. Atari mu myaka ibihumbi bibiri ishize kuri Pantekote, cyangwa kwisubiramo, cyangwa gusubirayo. Pantekote...

92 Umwuka Wera wari muri Luteri; Umwuka Wera wari muri Wesley; bari Ijambo ry'Imana risizwe. Kandi Umwuka Wera wagarutse ku bantu b'igisekuru, n'uko batangira kugira kugarurwa kw'Impano. Bazibonye kubwo kwiyegurira Imana, Umwuka Wera avuga mu ndimi anyuze muri bo. Barambitse ibiganza ku barwayi barakira. Babyinye mu Mwuka. Murabona? Icyo cyari igisekuru cy'abagorozi, barimo basubiza itorero mu murongo. Kandi umurongo wanyuma kwari ugushyira impano mw'itorero; nkuko Luteri yashyizemo gutsindishirizwa; Wesley agashyiramo kwezwa; Pantekote igashyiramo impano. Ariko n'iki bakoze? Amakosa amwe, nkuko ibyaremwe byatweretse urugero muri urwo ruti rw'ingano, bakoze idini, aribyo binyuranye n'Imana, bihabanye n'Imana.

93 Noneho, tuziko ko igihe… Igihe ibi biti bishyizwe hamwe, bigiye hamwe, bikora ibyabyo bitekerezo. Kandi uko byamera kose… Igihe "ibindi bishya," nkuko babyita, hasohotse Assamble de Dieu, n'iki bakoze? Ntabwo bashoboraga kubyakira. Uko ukuri kwaba kungana kose, umubatizo mw'Izina rya Yesu Kristo, bari bamaze kuba Inama Inkuru. Umuntu yarabifashe arabitegeka; Umwuka abivamo. Uko niko biri. Kandi hanyuma ibi biraza... Navuganye na bamwe mu bayobozi banyu barusha abandi; baravuga bati, "Nibyo, n'iki twakora noneho?" Bahita babirukana bamenye ko ari Ukuri. Kandi nibatabimenya, bazaba ari impumyi mu mwuka kandi ari intamenya kuri Bibiliya: atari ukuvuga ibyo kubwo kugira nabi, ndabivuga mbubashye. Kubera ko nta hantu muri Bibiliya aho umuntu yigeze abatizwa akoresheje ibyo byitiriro, "Data, Umwana, n'Umwuka Wera." Kandi ntabwo byigeze bikoreshwa kugeza nyuma y'inama mpuzamadini, kiliziya Gaturika y'iRoma. Izo gatigisimu zabo zihamya icyo kintu kimwe. N'imihango ya Gaturika, atari inyigisho ya Bibiliya, ahubwo imihango ya Gaturika. Kandi mwe Ba Metodiste mwazanye izo gatigisimu zanyu ndetse na buri kintu nkuko babikoze, kandi gahoro gahoro mugenda mukura. Ariko noneho igihe uje mu Bapantekote, kandi mugakwiza iyo mihango, muba mukiri muri ibyo...

Ariko noneho ni uguhamagarwa k'Umugeni; noneho igihe Ibimenyetso Birindwi byabumbuwe; noneho igihe ibyo bintu byuzuye ibyo abagorozi basigaje byafunguwe; kandi ni Malaki 4 gusa ushobora gukora ibyo, kubera ko bisaba ko guhishurirwa kuva ku Mana ako kanya kuza ku muntu kugira ngo akore ibyo. Uko niko biri. Ntabwo byaza kw'itsinda, ntabwo byigeze bibaho: umuntu umwe. Ibyo nibyo Imana yasezeranye mu gicucu cyo kuza k'Umugeni Wayo, uwo Eliyezeri. Murabona?

94 Mwitegereze igihe abatambyi, ababwiriza ndetse n'abandi, babonye nyakuri guhumekerwa kwabo ndetse no gusigwa. Dawidi yari asizwe. Bibiliya irabivuga. Ariko, murabibona, yagiye kuvoma ahatariho; yagiye ku muyoboro utariwo. Yayoboye uku gusigwa kwe ku ruhande rutaririwo, ku bantu ndetse no ku cyo batekereza, ku batware, icyo batekereza, aho kuba ku muyoboro w'Imana kugira ngo babaririze icyo UKU NIKO UWITEKA AVUZE ari cyo, "Ese iyi niyo saha y'ibi? Ese icyi ni cyo gihe cy'ibi? Ese ubu nibwo bushake bw'Imana"

95 Noneho niba ari umuhanuzi w'ukuri w'Imana, azabanza ajye imbere y'Imana, avuge ati, "Data, ibi n'ibiki?" kimwe ni uburyo Natani yabikoze nyuma kuri Dawidi.

Dawidi aravuga ati, "Ese birakwiriye ko njye mba munzu yubatswe n'imiberoshi, naho isanduku y'Imana yanjye ikaba mw'ihema hanze hano?"

Kandi reba Nathanael, aravuga ati, "Dawidi, kora byose biri ku mutima wawe, kubera ko Imana iri kumwe nawe. Uri igikoresho gisizwe cy'Imana." Ariko kubwo kuba umuhanuzi, ndetse n'amakosa ye, kandi akazi k'Imana gafatiye ku muhanuzi Wayo. Iryo joro Iramubonekera, iravuga iti, "Genda, ubwire umugaragu wanjye Dawidi; nkunda umurava we; ndamukunda kubera ibi, kubera ko ni umuntu umutima wanjye wishimira. Kandi nziko ari igihe cyo kugira ngo isanduka Yanjye ibe kuriya, ishyirwe munsi y'ikintu, ariko njye gusa... ntabwo ari igihe cyabyo cyo kugira bibeho. Nzareka umwana we abe ariwe ubikora, ariko ntabwo Namwemerera ngo abikore."

Hanyuma hano haza Natani afite UKU NIKO UWITEKA AVUZE, "Dawidi, guhishurirwa gukomeye wagize kwari gupfuye nkuko kwari kuri igihe wazamuraga isanduku. (Uh-huh! Uh-huh! Murabona?) Ntukabikore. Ntubigerageze. Ariko Imana yavuze ngo izatuma umwana wawe abikora." Aho. Murabona? Ngaho aho muri.

96 Dawidi yari asizwe kubwo kuvuga gutyo kubera mbere y'igihe yashoboraga kubibona, nkuko Abraham yashakishije Umurwa kw'isi. Murazi, yarimo awushaka, kubera ko yari agiye kuzawubamo umunsi umwe, Abraham, muri uwo murwa. Maze agendagenda hose awushaka. Kandi aho kuri ubwo butaka aho yashakiraga, wari hejuru ye noneho, kandi azagaruka mu ngoma y'imyaka igihumbi kandi azaba muri uwo Murwa. Ariko kubwo kuba ari umuhanuzi, yari asizwe kandi ahumekewe; yamenye ko hari Umurwa ahantu runaka, kandi yarimo awushaka. Ariko, murabona, guhishurirwa kose kwari kumuhishwe; ntabwo byari ibyo muri iki gisekuru; byari [Umwanya uriho ubusa—Ed.]... kugeza kuri Yohana, aho yawubonye uva ku Mana uvuye mw'ijuru. Uwo wari Umurwa.

97 Murabona, buri kintu kigomba kuba mugihe cyacyo. Uhinga ingano zawe mu gihe cy'itumba kandi—cyangwa mu bukurikiraho maze ukazitema mu rugaryi. Murabona? Zigomba gukura zinyuze mu ruti, zigomba kunyura mu misatsi, no mu gishishwa, ndetse gukomeza… Hagomba kuba igihe. Ibyaremwe byose bigenda bikurikiranye. Ibintu byose byashyizwe mu rusengero byari urugero rw'ibyo yabonye mw'ijuru.

Ubona igiti kirimo kirwana kigerageza kubaho; ibyo bisobanuye ko hari igiti kitajya gipfa. Ubona umuntu urimo urwanira ubuzima; byerekana ko hari ingando iri ahantu itegereje iyo idapfa. "Niba iyi ngando yo kw'isi izashiraho dufite indi itegereje."

98 Data wo mw'ijuru mwiza yanyemereye kwinjira inyuma yiyo nyegamo umunsi umwe maze ndabibona. Ni bangahe bumvishe ubugingo, buri munsi y'iki? Urebye urengeje amaso inyegamo y'igihe. Aho byari bimeze nkuko ndimo mbabwiriza mwese; bari bahagaze aho. Ubugingo buri munsi y'igicaniro butaka buti, "Uzageza ryari?" atari igitekerezo cyahimbwe, n'umuntu ufite ubwenge: "Uzageza ryari, Mwami? Murabona? kubera iki, tubasha kubyumva ubu ku myaka yacu, nka Mwenedata Bill Dauch wicaye hano ku myaka mirongwicyenda n'itatu. Hari ikintu cyifuza wa muntu muto nanone. Hari ikintu... Ushobora gutanga icyo aricyo cyose, mbega uko nakwifuza(Mwenedata Jack, n'abandi basigaye bose bo muri twe) ngo nsubireyo, Mwedata Gerholtzer, hano, muri wa muntu wo mugihe cy'ubuto. Ese urabishakia ngo ubikoreshe iki? Ukaba muto ukongera ukazenguruka aho? Oya, mugabo. Kubera twumva twifuza kubona igihe gihagije ngo turamye iyi Mana yo dukunda."

99 Ariko bakundwa benedata, mfite ubu butumwa muri iki gitondo, hari igihugu hakurya y'uruzi icyo bita cyiza iteka. Hari tuzamuhimbaza ibihe n'ibihe, ndetse n'ibihe byose, uko iteka rihoraho. Kubera iki twiyumva ibyo? Kubera ko uburebure buhamagara ubundi. Kandi igihe cyose uburebure buhamagara, hagomba kuba ubundi burebure bugomba gusubiza kuri uko guhamagara bitari ibyo haba nta guhamagara kwabaye. Mbere y'uko habaho kuremwa, hagomba kuba umuremyi mbere kugira ngo areme, bitari ibyo nta... Ibyo byereka igihamya nyacyo ko ahari.

100 Mwitegereze abatambyi, bose bari hanze y'umurongo. Mwitegereze gusigwa, uko ni ukuri, nta kibazo kiri kugusingwa. Kimwe namwe Bapantekote, ariko noneho mwitegereze umuyoboro murimo kugenderamo noneho. Iminsi yarahindutse uhereye igihe cya Pantekote; hari ikindi kintu kiri kuba. Iyo haba nta muhanuzi uri mu gihugu, ahari Dawidi yari kuba ari mukuri. Uko niko biri. Ariko hariya hari hahagaze Natani, uhamirijwe, wasizwe, agatangirwa ubuhamya n'Imana ko ari umuhanuzi.

Kandi mwitegereze. isanduku muri Bibiliya igihe cyose n'igicucu cy'Ijambo kuri twe, kubera ko ryari Ijambo ry'Imana mw'isanduku. Kandi hari… Mwitegereze isanduku iyo bazamuye, murebe uko babikoze. Ntabwo bayisize mu mwanya wayo w'umwimerere uwo Imana yayigenewe. Noneho, Imana hano inyuma yari yaravuze mu mategeko ko igomba—uko igomba gukorwa, uburyo iyi sanduku igomba gutwarwamo, ndetse n'uwo ukwiye kuyiheka. Ariko Dawidi, munsi yo gusigwa kwe...

101 Benedata, ibi ntibibacike. Kandi bashiki banjye, mwe mushaka kuba abagore babwiriza ndetse n'ibindi, ibi ntibibacike. Uko gusigwa kwanyu kwaba kungana kose, ugomba kuba mu mwanya Imana yashyizeho. Gusigwa kwa Dawidi kwari ukuri, ariko mu kubikora yarihuse cyane maze arenga umurongo w'imbibi. Aho kugira ngo ashyire isanduku mu mwanya wayo w'umwimerere, ahubwo ayiheka kw'igare rishya aho kuba ku mitima y'abalewi. Byari biteganijwe ko bayiheka ku rutugu rw'abalewi, ari rwo ruri hejuru y'umutima. Ijambo ntabwo riri mu bitekerezo; riri mu mutima, atari kw'igare rishya. Ibyo byari ibiki? Ibyo—bigaragaza ikintu gishya Dawidi yakoze hariya: avuga kuri buri dini rizigera ribaho. Ijambo ry'Imana ntabwo ari iryo—kwikorerwa n'ukuriye idini kurwego rw'igihugu cyangwa ba bishop, ndetse n'abandi, bo mu madini. Ni umubatizo w'Umwuka Wera mu mutima w'umuntu, kandi ntabwo ari nkubiri y'abihayimana. Umwuka Wera ni ubutunzi bw'urukundo rw'Imana mu mitima y'abagabo n'abagore bayubaha. Murabona?

102 Byari kuntugu z'abakozi Bayo, abakozi Bayo bari abalewi. Kuyishyira ku rutugu rw'ibumoso kandi bagaheka iyo sanduku gutyo, kubera ko yari iri hejuru y'imitima yabo. Bari bafite umutwaro w'Ijambo ku mitima yabo. Amena. Noneho, mufite umutwaro w'idini ku mutima wanyu, umutwaro w'iteraniro; ahari mugiye kubaka ibi, cyangwa gukora biriya, cyangwa ikindi kintu kindi; umutwaro w'ibindi birenzeho mugiye kongeraho kw'idini yanyu; aho kuba umutwaro w'Ijambo ry'Umwami, kugeza ubwo bariya bantu bazabona Ijambo ry'Imana gusa kandi nta kindi. Ariko mwayishyize kw'igare rishya noneho. Murabona? Barimo no kuyiheka ku nama mpuzamadini, ku ntugu. ntabwo nshaka kubanegura. Imana imfashe ubu, kugira mbabwire Ukuri.

103 Noneho, bashutswe n'imihango n'inama mpuzamadini, Ijambo, Ijambo ry'ukuri ry'igihe ry'icyo gisekuru ryarirengagijwe, kubera ko bari bafite amarangamutima menshi. Ariko Dawidi, umwami usizwe… Yari umwami, ariko yari umwami usizwe. Muravuga muti, " Ndi umubwiriza, usizwe." Noneho guma uri umubwiriza; ntugerageze kuba umuhanuzi. Murabona? Niba uri umubwirizabutumwa, ugume uri umubwirizabutumwa.

Mwibuke uziya, mu minsi ya Yesaya, umwami ukiri muto… umuhanuzi ukiri muto… Uzziah yari umuntu ukomeye, umuntu usizwe, Imana imuha umugisha; imuha umugisha ubwe. Yego, nababwirije kuri ibyo

umunsi umwe. Nuko umunsi umwe yizamuye cyane kugeza ubwo yatekereje ko yakora umurimo w'ubutambyi, maze afata—amaherezo aza kujya imbere y'Umwami, kandi bo... Abo batambyi baramubwira bati, "ntukora ibyo, Uzziah." Ariko yishyira hejuru. Umuhanuzi ntacyo yashoboraga kumubwira. Abatambyi bari bazi gahunda yabo; bakurikizaga gahunda yabo, aravuga ati, "Ibyo ntago ari inshingano zawe, Uzziah. Ntubikore."

104 Ni byiza, abatekega "Guceceka!" Kandi ajyana n—umuriro mw'imbere kujya gutamba, afata umurimo w'abatambyi; yari umwami usizwe, atari umutambyi. Kandi abo batambyi barimo bagerageza kumubwira bati, "uri umwami utangaje; urasizwe; Imana yaduhaye umugisha inyuze muri wowe ariko uri umwami, ntabwo uri umutambyi."

Kandi mwe ba pasteri ntabwo mwakwiye kubwira umuhanuzi icyo gukora, cyangwa mwe babwiriza kubwira pasteri. Murabona, buri wese afite umurimo we niba bigaragajwe mu buryo butunganye.

Nuko yinjiramo n'umuriro, maze akubitwa n'ibibembe maze arapfa.

105 Noneho, hano Dawidi, umwami; Dawidi arimo agerageza gukora ikintu nk'icyo hano. Yari yabyishyizeho ubwe. "Nibyo, ibyo niko biri, ugomba kugenda. Itegereze, abantu benshi. N'iki muvuga, batware, mufite abantu ibihumbi icumi?"

"Icyubahiro n'icy'Imana, Dawidi, ndiyumvamo Umwuka." Oh, niko byagenze. Yabyiyumvishemo. "N'iki utekereza, Dawidi? Wabyiyumvishemo?"

"Icyubahiro ni icy'Imana, byose biri kuri njye. Reka tubirebe maze turebe niba ari byo. Reka turebe. Ese isanduku ibahe?"

"Hamwe na twe: iba hagati muri twe."

"Ni nde dukwiriye kugisha inama? Ni ukuri, isanduku. N'ikintu kimwe no ku butaka ibamo ku—ku b'Isiraheli aho kuba abafilistiya. Uko niko biri. Ni iyacu. Kandi nkuko niyumvamo gusigwa nanjye. "

Abatware b'amajana, iteraniro ryose riti, "Icyubahiro kibe icy'Imana." bakoma mu mashyi, maze barasakuza, kandi barabyina, kandi basimbagurika hejuru no hepfo.

Bari bafite Umwuka, ariko ni iki mutekereza Data yarimo atekereza? "Ubwo nabohereje Natani, uwo muhanuzi hepfo hano. Bazi icyo gukora, kandi niko biri kuri Dawidi; ariko noneho yagize byose ishyaka kandi arenga umurongo w'imbibi maze ajya gukora ibi."

106 Niko biri, mwitegereze, kuyiheka ku ntugu uwo niwo wari umugambi w'umwimerere w'Imana. Hari amategeko atanu. Ndashaka ko ibi mubyandika, niba muri… Ndabona murimo kwandika. (Kandi ni iminota makumyabiri, makumyabiri n'indi irenga kuri saa yine, bityo ndagerageza kubicamo kugeza saa tanu, niba bishoboka. Ndibugire vuba vuba uko nshoboye.) Uko umuntu yaba ari mukuri kose mu gukorera imana umurimo, uburyo yaba ari mukuri bwose, uko yaba asizwe kose, kangahe Abapresbyterian, Ababaptiste, Abapantekote; niyo waba uri bishop, umudiyakoni, icyo waba uricyo cyose, pasteri, umuvugabutumwa, umuhanuzi, icyo waba uricyo cyose; hari ibintu bitanu uhatiwe kubanza kwitaho. Uko waba usizwe kose, uko byaba bisa neza kose, uko abantu baba basakuza kose, buri kintu Umwuka akora, hari icyo uhatiwe.

107 Noneho, benedata, mu gihe muri gutegura impapuro, ese mushobora kumva impamvu? Noneho, mwibuke, mwese mwarigishijwe, kandi byigishijwe hagati muri mwe, atari…(Murabona, ndimo kuvuga hose mu bihugu.)… ko ntizera mu kuvuga mu ndimi. Nizera kuvuga mu ndimi. Ariko ushobora kuvuga mu ndimi kandi ntugire Umwuka Wera. IKorinto 13 haravuga hati, "Nubwo navuga indimi z'abantu n'iz'abamarayika, ntacyo mba ndicyo." Murabona? Uko ni ugusigwa n'Umwuka Wera; ibyo ntacyo bifite gukorana n'ubugingo burimo hano imbere. Ushobora kuvuga mundimi hanyuma ugahakana Ijambo. Narabibonye bikorwa, kandi mwarabibonye namwe. Murabona? Umugore ashobora kubwiriza Ubutumwa Bwiza ndetse... Murabona? Bashobora gukora byose... Bagakata imisatsi yabo, kandi bagakomeza bagasakuza ndetse bakavuga mu ndimi na buri kintu kindi. Uh-huh. Ibyo nibyo nyakuri. Ugomba kujya mu murongo hamwe n'Ukuri kw'Ijambo.

108 Mwitegereze. Uko umuntu yashobora kuba umunyakuri kose, uko yakoreshwa kose bikomeye n'Imana, uko yaba ari kose, agomba kuba ibi: agomba kuba… ibintu byo avuga bigomba kuba bihuye n'igihe cyabyo muri Bibiliya. Niba umuntu avuze ati, "Byiza, Mose inyuma hariya..." Nzi icyo Mose yakoze, ariko icyo sicyo Imana irimo gukora uyu munsi. "Nibyo, imyaka mirongwine ishize, Abapantekote baraje." Ariko icyo sicyo Irimo gukora uyu munsi. Murabona? Bigomba guhura n'igihe cyabyo.

Bigomba kuba bihura neza n'Ibyanditswe. Bigomba kuba mugihe cyabyo, icyakabiri. Icyagatatu, ndetse bigomba kuba mu buryo Imana yavuze ko bizabamo.

109 Noneho uravuga uti, "Icyubahiro kibe icy'Imana. Umwuka Wera yamanukiye, halleluya, kimwe n'uko yabikoze ku munsi wa Pantekote." Ariko ibyo bishobora kuba binyuranye n'uyu munsi. Yamanutse kuri Dawidi nawe, ese siko byabaye? Nibyo, niko byabaye. Yamanutse kuri Uzziah, ariko byari amakosa.

Murabona, ugomba kujya mu burebure kurusha ibyo noneho. Murabona? Ugomba kujya mu burebure kurusha ibyo. Noneho ntiwumve ukomeretse, ubu—noneho mutuze. Murabona

Kandi mwitegereze, kandi bigomba kuza ku muntu w'Imana yatoranyije, atari ugutoranya kwa kidini, atari ugutoranya kw'abantu, ahubwo bihuye no gutoranya kw'Imana. Kandi niba ari ubutumwa buvuye ku Mana, bwo guhishurirwa gukomeye kuvuye ku Mana, bigomba kuza ku muhanuzi Wayo, niba ushaka Ibyanditswe by'ibyo, ni Amosi 3:7. Murabona? Noneho, niko bigomba kuba.

Hari ibintu bitanu bigomba kuba: bigomba kuba mu gihe cyabyo.Bigomba kuba kw'isaha Imana yavuze ko bizaba. Bigomba kuba byanditse mw'Ijambo ry'Imana. Bigomba kuba mugihe cy'isaha y'Imana. Murabona? Kandi bigomba kuba kubwo guhitamo kw'Imana.

110 Kandi Imana ntabwo ikeneye uwo ari wese muri twe gusobanura Ijambo Ryayo. Imana ni umusobanuzi Waryo Ubwayo. Ntabwo ikeneye za seminari zacu. Ntabwo ikeneye ubwenge bwacu; ntabwo ari ngombwa. Murabona? Eva yabonye ibyo(uh-huh) kandi yahushije ubusonuro kubera ubwenge bwe.

Aravuga ati, “Oh, musore, uriya muntu ni umuhanga.” Nibyo, ibyo ntacyo bisobanuye. Nibyo. Ahabu yari umuntu w'umuhanga. Belteshazzar yari umuntu w'umuhanga. Satani yari incakura ndetse asobanutse, akeye, nta numwe muri mwe washoboraga kumuhagarara imbere, habe n'umwe.

Nta numwe nishingikirijeho—nta buhanga, ni ugushingira ku Mana. Murabona? Imana imeze ite? Yo ni Ijambo. Noneho ni gute Imana isobanura Ijambo Ryayo? Mwumve neza noneho, ibi bintu ntibigucike. Nigute Imana isobanura Ijambo Ryayo Bwite? Ikoresha kurisohoza, atari rimwe hano gusa, ahubwo ryose uko ryakabaye rijyanye n'icyo gihe.

Atari ukuvuga ati Nowa sohoka maze ubwirize kandi usizwe; ariko wubake inkuge, ushyireho inzugi, ubikore muri ubu buryo no muri buriya. Byagenda gute ashyize urugi hejuru aho kuba hasi? Byagenda bite ashyize idirishya hasi, n'urugi hejuru? Murabona? Bigomba kubakwa bikurikije igihe, kubera ko icyo nicyo nyakuri Imana igiye kubikoresha. Bigomba kuba muri ubwo buryo, kandi bigomba kuza binyuze mu guhumekerwa.

111 Numvishe umuntu avuga umunsi umwe, aravuga ati, “Nizera ko uriya muntu asengera abarwayi; nizera ko ari byiza. Ariko kubyo kuba umuhanuzi,” aravuga ati, “Nizera ko ari umuhanuzi w'Imana; ariko nk'umwigisha, kubera iki, yari Jesus only.” n'iki… Ni muntu ki ushobora kwita ibyo? Uwo ntabwo azi ibyo yarimo avuga.

Iryo jambo ubwaryo“umuhanuzi” bisobanuye ibyo “ni umusobanuzi w'Ijambo ry'Imana”; ubusobanuzi buza gusa kuri ibyo. Kandi iyo niyo mpamvu uyu munsi dukeneye cyane uwo muntu ukomeye ugomba koherezwa kuri twe mw'ishusho y'umuhanuzi Eliya, kubera ko azaba ari uguhishurirwa kw'Imana twamenyeshejwe no guhamirizwa, byerekana ko ariwo munsi n'isaha ndetse n'igihe Imana yasezeranye ko bizabaho. Kandi mwibuke, azavugwa nabi; niko byagenze igihe cyose, igihe cyose niko bizaba. Yaranzwe, kimwe n'uko igishishwa kizakura... Ubwa mbere azakirwa, kubera ko igishishwa kizaba gisa n'ingano kugeza bibonye izuba. Abapantekote bafubitse ubutumwa, babuha umuryango ukinguye kugeza ubwo byatandukanye, kandi ubwo nibwo igishishwa kivaho, kandi ingano zizashyirwa Imbere y'Umwana(Murabona?), zigeze igihe cy'isarurwa.

112 Aho nta dini rizahaba; mwibuke. Mwenedata Jack hano ni umunyamateka; benshi muri mwe hano muribo. Ntabwo higeze haba ububyutse ngo burenze imyaka itatu badatangiye idini muri bwo. Ese ibyo sibyo? Kandi ibi bitangaza bikomeye bikozwe n'Imana muri iyi minsi yanyuma, bimaze imyaka makumyabiri; kandi biri mu birometero birenze miliyoni kure y'amadini, birimo kujya kure kurushaho igihe cyose; igishishwa kirimo kuvaho, nta bufatanye, nta sano bifitanye. Murabona? Igihe cyose cyivanaho. Aho ntabwo cyongera kubaho ukundi, noneho hagasigara ingano. Ariko turatoshye. Uh-huh. Uko ni ukuri. Bigomba gushyirwa Imbere y'Umwana kugira ngo bimere neza; nibyo gusa. Ziratoshye; ntabwo twabaye abanyakuri, kuba abera, ikintu dukwiriye kugira hagati muri twe ni ukumenya Umwuka w'Imana ihoraho, ugendera mw'Ijambo Ryayo kandi akatwereka ibintu.

113 Dufite kwigana kwadutse hagati muri twe. Ibyo ni iby'iki? Kugira ngo biyobye. Bibiliya yavuze ko bizabaho. “Nka Yambre na Yane barwanyije Mose, niko bizaba mu minsi yanyuma.” Murabona? Bo ni ikintu kimwe, baza bigana ibyo, mu buryo bumwe. Murabona? Mube maso. Mwitegereze inyigisho za Bibiliya. Mwitegereze ubutumwa bukurikira ibimenyetso. Ese biracyari rya shuri rya kera ry'ubutumwa? Mubyibagirwe.

Imana yohereje ibitangaza n'ibimenyetso kugira ngo ikurure amatsiko y'ubwoko bwayo. Igihe Yesu yaje akiza abarwayi ndetse n'ibindi, niko abahanuzi bakoze. Baratekereje, “Yoo, ishimwe, Araje; Agiye kuba Umufarisayo. Agiye kuba Umusadukayo.”

Ariko Aravuga ati, “Mwa bana b'inzoka n'inshira.” Aravuga ati, “Muri aba so Satani; imirimo ye niyo mukora.” Aravuga ati, “Uretse ko mwarya umubiri w'Umwana w'umuntu, kandi mukanywa Amaraso Ye, nta

Buzima buri muri mwe.” Ntabwo yabisobanuye. Ntabwo yagombaga kubisobanura(Halleluya.); ibyo byari ibyo mu kindi gisekuru. (uh-huh) Yavuze icyo Yagomba kuvuga ati, “Igihe cyose nkora ibinezeza Data,” kandi ibyo ni ukwitondera Ijambo Rye. “Niba ntabikora, ubuzima Bwanjye n'imirimo Yanjye bidahura n'Ijambo ryo nkwiriye kuba nkora, noneho ntimunyizere, ubwo sindi We; ariko niba bihura, noneho mwizere imirimo niba mutashobora kunyizera,” niko Yavuze.

Mwitegereze noneho ibi bitegetswe aribyo bikwiriye gukorwa.

114 Noneho, murebe, Imana ntabwo yabahishuriye ibintu binyuze munzira Ye yateguye; Yabihishuye binyuze mu guhumekerwa, ariko byari mu miyoboro itariyo. Murebe, guhumekerwa kuzaba ari kwiza, ariko kunyuze mu muyoboro utariwo, bizaba byayobowe muburyo butaribwo. Kimwe ni uko iyo ufashe isasu maze ukarasa ugahamya intego, rifata inzira yaryo rijya ku ntego, ariko guhuha ku muyaga gushobora kurihuha rikajya hanze. Noneho, mu binyabiziga byanyu, uzamanuke mu birometero mirongwicyenda, cyangwa ijana n'ibindi mw'isaha noneho guhuha ku muyaga kuraguhuha, ushobora kugarura imipira yawe, kugira ngo uyigarure mu muhanda nanone, ariko kw'isasu ntiwabishobora; nta kintu gihari kugira ngo kigarure imipira mu murongo; rihusha intego. Murabona, rigomba kunyura mu murongo waryo w'umwimerere.

115 Niko ari ngombwa ko Ijambo ry'Imana rinyura mu muyoboro waryo. Aho nta guhuha na guto k'umuyaga gushobora kuriyobya; nta dini na rito cyangwa ikindi kintu gishobora kuriyobya; nta karengane na gato gashobora kuriyobya; rihamya ku ntego. Rigomba kugenda rikubita aho ngaho. Kandi noneho Imana... Igihe rikubise aho hantu, Imana irabihamiriza, “ku ruhembe.” uh-huh, neza neza ibyo Yavuze ko Izakora. Hano biri mu Byanditswe, ibi, “UKU NIKO UWITEKA AVUGA,'bizasohora.'” Hano niho biri. Murabona? Ngaho aho muri.

116 Hano, Imana ntabwo yari yabihishuye binyuze mu nzira Yateguye. Nuko bagiye kubikora binyuze iruhande Ijambo, kandi bitari mu gihe cyabyo, kimwe neza ni uko biri kuba ubu. Igihe umuntu, uko yaba ari umunyakuri kose, agerageza gukora umurimo Wayo anyuze hanze y'inzira yateguwe, igihe cyose barabivangavanga. Kimwe na Balaam, Balaam yatekereje ko yarimo akorera Imana umurimo.

Mutekereza ko Imana ibeshya? Ese Imana ijya ihindura ibitekerezo byayo? Nibyo, abantu uyu munsi bakora nkuko yakoze. Igihe Ibwiye abagore ngo ntimugakate imisatsi; baravuga bati, “Dushobora kuyikata; Dr. runaka na runaka bavuze ko dushobora kubikora. Mwenedata runaka na runaka afite ibitekerezo biri hasi.” Uh-huh, uh-huh. Murabona?

“Nibyo, byashoboka ko ibi byaba, ese ibi byabayeho?”

“Yego, uh-huh, runaka na runaka niko yavuze.”

Imana ntabwo ijya ihindura ibitekerezo byayo.

117 Mwizera ko Balaam yari umuhanuzi? Bibiliya ivuga ko yari we. Mwizera ko yari umuhanuzi? Noneho, mwibuke, Balak yaje kuri we maze aravuga ati, “Manuka maze uvume aba bantu, kubera ko buzuye hose kw'isi. Nta nubwo ari idini, ntabwo ari igihugu; ahubwo ni itsinda ry'abatatanye; kandi twe turi abanyacyubahiro bo mu gihugu. Noneho, manuka hariya maze uvume buriya bwoko, kandi nzabiguhembera.”

Kandi Balaam yakoze nyakuri icyo umuhanuzi yakwiriye gukora; aravuga ati, “Ntabwo nzagenda. Mutegereze hano irijoro; reka turebe icyo Imana ivuga.”

Nuko arinjira; aravuga ati, “Mwami, hari abantu hanze hano bari kumwe nanjye baje aha, bashaka ko manuka maze nkajya kuvuma abandi bantu hariya.” Aravuga ati, “N'iki ushaka ko mbikoraho?”

Imana yaravuze iti, “Ntujyeyo, kuko abo ni abantu Banjye.”

Balaam yarasohotse maze aravuga ati, “Musubire iwanyu. Ntabwo najyana namwe; Imana yambwiye ko ntagomba kubikora.” Noneho, hari Ijambo ry'Imana ry'umwimerere: “Ntugende.”

Nuko, hanyuma basubirayo, baravuga bati, “Murazi, bishop wanyu ntabwo ashobora kumva. ”

“Ntacyo,” umwami aravuga ati “reka mbabwire icyo turibukore. Akeneye amafaranga make. Nzi neza ko ibi bishobora kumwemeza. Cyangwa ahari nzamugira ukuriye itorero ku rwego rw'igihugu; ahari nzamushakira ikintu gikomeye cyo gukora. Nshobora kuzatuma aba bishop; ntabwo mwashobora kuvuga ibyo nakora. Hano, ndababwira ibyo nzakora. Mwebwe bantu ntabwo mufite ubumenyi buhagije bwo kumwemeza; izo mvugo zanyu, n'ikibonezamvugo kituzuye, ntabwo aribyo. Ntabwo yabumvira, tuzohereza itsinda ry'abantu bize hariya hepfo, barushije babandi kuba abanyacyubahiro.”

118 Bamanuka aho hepfo, baravuga bati, “Dogiteri Balaam, Dogiteri Balaam, turakuramukije. Tukuzaniye indamukanyo iturutse ku mwami.”

“Mwaramutse, benedata.” Murabona?

“Noneho, Dogiteri Balaam...” Kandi, oh, inyunguramagambo, uburyo yari yakozweho. Kandi baravuga bati, “Noneho, umwami yavuze ko azakuzamura mu ntera, kandi azaguha icyubahiro gikomeye. Kandi, urazi, kandi bazaguha amafaranga menshi niwemera icyo bagusabye, cyokora umwami yavuze ko azayakuba gatatu, cyangwa inshuro enye, niba wakwemera kuza kubifata.” Hanyuma Balaam yumva mu kiganza haryaryata. Haza ibitekerezo by'ubusazi mu mutwe we maze akangura umutwe we.

Noneho, mwibuke, ahamagara Imana kubw'ibyo, asizwe, ariko yinginga Imana ari hanze y'umugambi w'ukuri w'Imana. Kandi ibyo nibyo nyakuri Abapantekote bakoze. Kuba icyamamare, mwe Oneness, mwishyize hamwe maze muhita mupfa. Ntabwo muzigera muhaguruka. Yego, mugabo. Ariko, murabona, mwagombaga kuba mwaragumanye n'umugambi w'Imana... Yabakuye muri bariya ba Assamblee kugira ngo ibagire ubwoko, ariko mwishyira hamwe hanyuma musubira inyuma mujya kuri ibyo birutsi bimwe mwavuyemo(mumbabarire), ibyo bintu bimwe mwasohotsemo, “nkuko imbwa isubira ku birutsi byayo n'ingurube igasubira mw'isayo yayo...” mumbabari kuba mvuze ibyo, mumbabarire; ibyo ntabwo bikwiriye ku gicaniro hano. Murabona? Ibyo nabivuze mu mubiri. Mwitegereze noneho uwo—icyo nicyo nshaka kuvuga, kuruka. Nagomba kuba nabivuze gutya. Ijambo ryari rikwiriye, ariko narikoresheje nabi. Murabona? Ryarakoreshejwe nibyo, ariko ryumvikana nabi. Murazi...?... Kuruka, “Nkuko imbwa isubira ku birutsi byayo...”

119 Niba Assemble de Dieu, Inama nkuru, barashyize hamwe Abapantekote ku mwanya wambere maze bakabajyana muri ibyo kuburyo badashobora kwemera guhishurwa, ntimubizi, Oneness, mwakoze ibintu bimwe. Ni gute mwakwakira Ubutumwa bw'urubyaro rw'inzoka, umutekano w'iteka, n'ibindi bintu byaje? Mwishyize hamwe kugeze ubwo mudashobora no kwemera ko bigera ku miryango yanyu, ikintu kimwe n'icyo Balaam yakoze. Ariko Imana ntabwo ijya ihindura ibitekerezo Byayo.

120 Niko Balaam yagiye maze aravuga ati, “Mwami, noneho reba, ngize amahirwe yo kuba umuntu ukomeye. Urazi ko ntacyo nari ndicyo, ariko ngize amahirwe yo kuba umuntu ukomeye. N'iki wabivugaho, Mwami?” Noneho, ntabwo yagomba kuba yaravuze nk'ibyo. Yarazi nyakuri icyo Imana yavuze bakora.

Uko niko bimeze kuri mwe mubatizwa mw'izina rya “Data, Umwana, Umwuka Wera,” kuri ibi bintu bindi byo muri Bibiliya ibyo bikwiriye kubaho muri iyi minsi; muzi icyo gukora kubijyanye nabyo: ni ukubyemera. Igihe mubonye Imana ibihamiriza bifatika ko ari Ukuri, iyo n'Imana irimo isobanuri Ijambo Ryayo Bwite. Ariko se muzabikora? Oya, ishyirahamwe ryanyu ntiryatuma mubikora.

121 Benshi mu babwiriza muri Tucson barimo kumva ibi muri iki gitondo. Mwenedata Gilmore, nta kintu mpfa nawe; mwenedata Brock, First Assembly, ndetse n'amatorero y'inshuti. Mwebwe bantu, nari ndaho ibihe byose; ntimushobora no kwemera ko ninjira. Njye… Nyakuri, ntimwabyemera; ntimushobora kandi mwakomeje kuba ibyo muribyo. Ntabwo mwakwemera guhishurirwa, kubera mwabaye idini. Kandi mwumve, kimwe na Uzziah yishwe kubera yari munsi yo gusigwa kutariko, niko mu bakristo benshi barimo gutakaza imyitozo yabo bagasubira inyuma muri ayo madini apfuye ya kera, kubera ko barimo gushyira ibiganza byabo kw'isanduku mu gihe batatorewe gukora ibyo. Noneho, mushobora kubyizera, cyangwa ntimubyizere; ibyo biterwa namwe. Imana niyo Mucamanza wanyu. Imana ntabwo yigeze yisubiza Ijambo Ryayo. Icyo yavuze inshuro ya mbere, ikivuga igihe cyose.

Yabwiye Balaam iti, “Ntugende.”

Kandi hanyuma Balaam aragaruka, aravuga ati, “Ariko Mwami, nshobora kugenda?”

Noneho, reba. Imana yaravuze iti, “Genda.” Noneho, Imuha uruhushya rwo kugenda. Hari ubushake bw'Imana buhaswe, ariko atari ubushake bw'Imana bw'umwimerere. Murabona ibyago yinjiyemo?

122 Kandi umuntu uwo ari wese wubatse ikintu icyo aricyo cyose, cyangwa ikindi kintu hanze yo kuba kw'Ijambo ry'Imana, uwo ni umusenyi unyerera kandi bizahirima. Bizapfa bidasubirwaho kimwe n'ikindi cyose, kubera ko Ijambo ry'Imana niwo Mubiri w'Umugeni urimo gukura. Ntiwawugira wose amaguru, wose amaboko, wose amatako. Ibi bintu biza mugihe cyabyo.

Kandi Abapantekote, mwawugize wose ikintu kimwe; ni kubwibyo mudashobora kwemera guhishurirwa. Iyo niyo mpamvu muguma aho muri maze mugapfa; mukomeze. (ni byinshi, sinshaka kubananiza.) Ariko Imana ntabwo ijya ihindura ibitekerezo Byayo. Irakureka ukagendera mu bushake buhaswe bwayo. “Imana ni Imana nziza,” Nkuko Oral Roberts yavuze ati. Ni Imana iteye ubwoba.

123 Mwitegereze, kimwe n'uko mwavuga muti, “Icyubahiro kibe icy'Imana, ndashaka kuvuga mu ndimi.” Izakwemerera ubikore, ariko icyo ntabwo aricyo kimenyetso ko ufite Umwuka Wera.

Mwibuka icyo Thomas yavuze, uwo ushidikanya wa kera? “Keretse mfite ibimenyetso runaka, ndagomba gukoza intoki zanjye muri iyo misumari, ibiganza Bye, ndetse mu rubavu Rwe, njye—njye—njye—ntabwo nshobora kubyizera.” Noneho, ngaho aho muri, ikintu kimwe.

Yesu yaravuze ati, "Ngaha aho uri, Thomas, shyira ibiganza byawe mo hano noneho niba ibyo aribyo ushaka kumenya." Murabona? Murabona? Noneho, niba mushaka inzira ya Thomas, mukomeze. Ariko ni iki Yavuze? "Ibihembo bingana iki byabo batigeze babona kandi nyamara bakizera."

124 Mwitegereze, mwitegereze, kubwo gukora ibyo, yateye urupfu rw'umuntu w'umunyakuri, ashyira ibiganza bye kw'isanduku igihe yagomba kuba atabikoze. Ukomeye, umuntu w'umunyakuri, tekereza ku gusigwa ndetse buri kintu cyari mu murongo, ariko isanduku barimo bayijyana mu buryo butaribwo. "ibimasa," Bibiliya ivuga ko, "yasitaye" atari Abalewi. Ibimasa byarasitaye maze amagare arahengama; kandi umuntu w'umunyakuri, hamwe n'umutima we wuzuye urukundo, ashyira ibiganza bye kugira ngo ayifate, maze akubitwa n'urupfu, kubera ko nta muntu wagombaga gukora kuri iriya sanduku uretse Umurewi. Murabona uburyo Imana irinda Ijambo Ryayo, irinda imiyoboro Yayo, ese irinda gahunda Yayo? Uzziah yakubiswe ibibembe. Hari Dawidi, nawe yateye urupfu rw'umuntu, ndetse n'icyago gikomeye; kubwo gusigwa n'Umwuka, bombi, ariko bari hanze y'umuyobora w'Imana. Uko ni ukuri? Yarapfuye. Oh, byateye ubwoba Dawidi hafi yo gupfa; yita—aho hantu, nkuko Mwenedata Jack yabisomye. Murabona? Yahatubwiye.

125 Ni inshuro zingahe amadini yakoze ibintu bimwe ku bizera b'abanyakuri. Kiriziya Gaturika, Abametodiste, Ababatista, Church of Christ, yewe n'Abapantekote, bateye impfu nyinshi z'umwuka kubera icyo kintu kimwe. Igihe byaje, hamwe n'ibi bintu, babonye... Kandi ntabwo bashobora gukomeza, kubera ko icyo nicyo idini yizera.

Murebe uyu munsi, ibyo biterane bikomeye, ikintu kimwe. Ntacyo bakora uretse kubahindura abana bo kurimbuka inshuro ebyiri, babi cyane kurusha uko bari bameze mu mwanya wabo wambere. Babagira abinangiye, nyakuri, kubyo kuza ku kuri. Gira bumwe muri ubu bubyutse bukomeye, kandi bose binjire, hanyuma bahindure imyitwarire gato, hanyuma basubire aho hanze kandi batangire icyo cyaha nanone. Muzongere kumva ubundi bubyutse, muravuga muti, "Mfite ibintu byinshi; narabigerageje; nta kirimo" Murabona? Ntabwo bazi umuyoboro. Imana iravuga...

126 Numvishe uyu mubwirizabutumwa wacu ukomeye Billy Graham, ari kw'igaburo rya mu gitondo nk'iri, maze aravuga ati, "Njye..." Hano, yashyize Bibiliya hejuru muri Louisville, Kentucky, aravuga ati, "Uru nirwo rugero rw'Imana." Kandi uko ni ukuri; uwo mugabo yavuze ukuri. Aravuga ati, "Mwe muragenda... Pawulo yagiye mu mugi maze abona umwizera umwe, agarutse nyuma y'umwaka asanga wa mwizera afite abandi mirongwitatu." Aravuga ati, "Ariko njye njya mu mugi nkihanisha ibihumbi mirongwitatu, maze nagaruka mumezi atandatatu simbone na mirongwitatu." Aravuga ati, "Muzi ikibazo icyo aricyo?" Aravuga ati, "Mwebwe babwiriza babanebwe," aravuga ati, "mwicaraho n'amaguru aho kumeza kandi—maze mugahamagara aba bantu kuri telefone aho kugira ngo mujye kubasura nyuma yo kurya maze muvugane nabo."

Ohm umutima wanjye warimo ugurumana. Ndatekereza nti, "O muntu w'Imana ukomeye, nanga kutemeranya nawe hano, ariko ninde wari umubwiriza w'umunebwe ku mwizera umwe wa Pawulo? N'iki yakoze, yamutwaye mw'Ijambo; yamutwaye mu butumwa; yamujyanye aho yabonye Imana; umutima we warimo ugurumana; yacanye umuriro mu gihugu. kandi wowe ikintu ukora gusa ni ukubashyira mw'itorero ry'Ababaptista cyangwa Abamethodiste, cyangwa ikindi kintu; ntibitangaje ko nta kintu kigurumana gihari." Yego, mugabo.

127 Noneho reba icyo Ijambo ryasezeranye kuri uyu munsi. Reka turebe niba ari Abamethodiste, Ababaptista, cyangwa Abapentecoste, cyangwa ikindi, kubw'uyu munsi. Noneho, ushobora kujya gusoma mu Byanditswe byawe. Ufate ibi Byanditswe ibyo narimo mbabwira. Ndetse n'Ibyahishuwe...

Iyo mba mfite akanya, nari kubisoma, ariko nta kanya mfite. Mfite hafi iminota cumi n'ibiri cyangwa cumi n'ine isigaye. Ndagomba guhagararira igihe, saa tanu, nimbasha kubitunganya.

128 Mwitegereze Malaki 4, ibyahishuwe 10, Ibimenyetso Birindwi. Ese Bibiliya ntiyavuze… Noneho, mwitegereze. Hari Umumarayika, Intumwa iturutse hejuru, ndetse n'intumwa yo kw'isi. Kandi buri ntumwa yari iyo mu gisekuru cy'itorero. Aravuga ati, "mu minsi(arimo avuga ubu) aho haza Marayika(intumwa, ijambo 'marayika,' ijambo ry'icyongereza risobanura 'intumwa') amanutse ava mw'ijuru, ashyira ikirenge ku butaka no kunyanja, maze yirahira Uwo uhoraho iteka ko hatazabaho igihe ukundi." Ese niko biri? Umukororombya uzengurutse umutwe We, kandi ibi bintu byose bibaho. Uwo Marayika yari Kristo. Nyakuri. Ariko ni iki Yavuze? "Ariko mu minsi ya marayika wa karindwi, mu gihe cy'igisekuru cya karindwi..."

129 Igihe cyose aba ari aho kw'iherezo ry'igisekuru cy'itorero aho baba bafite ibintu gutyo, aho abihayimana baba babivangavanze kugeza ubwo Imana yohereza intumwa, kandi ubwo nibwo Butumwa ku gisekuru cy'itorero. Hanyuma bagatwara ubutumwa bwe, kubera ko amara akanya gato, nuko Imana... Hanyuma bagatwara ubutumwa bwe aho gukomezanya n'ibisigaye, bakarema—idini. Kandi noneho bakaza bagakora irindi dini; indi ntumwa, igafata ikindi.

Mwese mwarabibonye mu gitabo cyanjye, bizaba bishushanyije hanze mu "Bisekuru Birindwi

by'Itorero" [Cyakwirakwijwe na William Branham Evangelistic Association—Ed.] ibyo Yambwiye; ibyo mpagaze nk'umutangabuhamya ku Mana yo izancira urubanza ku munsi w'amateka kubw'ibyo. Byavuye ku Mana, ntabwo byavuye mu mitekerereze yanjye. Mwitegereze, hano. Ndatekereza—ndatekereza ibinyuranye n'ibyo, iyo njya kuba ngiye kugira ibitekerezo byanjye bwite. Kimwe nuko Mwenedata Jack yambwiye kubijyanye n'Abamarayika hariya, uburyo ibyo "Ibyo ari Kristo mu mubiri uhawe ubwiza." Ariko ntabwo byaribyo; byarimo byerekana ko Ubutumwa ari ukuri, Ubumana bw'ikirenga; Yari Imana(Murabona?), icyo kintu kimwe narimo mbwiriza kivuye mw'Ijambo. Ijambo igihe cyose rihamiriza Ijambo.

130 Noneho, vuba vuba noneho, mugihe turimo kwitegura gufunga mu kanya gato.

Noneho, Aravuga ati, "Mu minsi y'Ubutumwa bwa malayika wa karindwi, marayika wo mw'isi, igisekuru cy'itorero cya karindwi, noneho ubu bwiru bwose ubwo bwari bwaratakaye aho inyuma muri ibi bisekuru bitandatu by'itorero bugomba guhishurwa ubu nyine." Nibyo, ibyo nibyo abo Bamarayika bavuze. Hari Ibimenyetso Birindwi, cyangwa gufungurwa kw'ubu bwiru. Kandi nugerageza kubishaka imbere y'ayo madini. Binyuranye n'icyo bo... Mwenedata, bahita baca bakamira, ariko bagiye babikora igihe cyose. Ariko nicyo gihe.

Nibangahe bazi ko ibi ari ibisekuru birindwi by'itorero? Muvuge "Amena." [Iteraniro riravuga riti, "Amena!"—Ed.] Igisekuru cya Laodokiya, akazuyazi ko Imana yarutse mukanwa kayo, kandi barutse Imana mu kanwa kabo? Nta kindi gisekuru muri Bibiliya aho Yesu yasanzwe ari hanze agerageza gukomanga, ngo agarukemo imbere. Bamushyize hanze, nta bufatanye. Yesu ni nde? Ijambo. Ijambo ryashyizwe hanze. Igishishwa cyajugunye ingano. Aravuga ati, "Mpagaze ku rugi kandi ndakomanga, nuko umuntu uwo ari we wese muri ibyo bibahambiriye hanze hariya ushobora kumva ijwi Ryanjye." O Mana tugirire imbabazi.

131 Ni muri uwo mwanya, igihe uwo muntu yapfaga, nibwo Dawidi hamwe no gusigwa kwe yabonye ko yakoze ibitaribyo. O Dawidi, mwebwe ba pasteri, ese ntimushobora kubona iyo mihango yanyu ipfuye n'amadini ibyo mufatiyeho? Ntimushobora kubona icyo birimo gukora? Biri kwica Uzziah. Urupfu rw'umwuka, hanyuma mukibaza impamvu nta bubyutse buriho; mureka abagore banyu bagakata imisatsi, bagasiga amarangi mu maso, bakambara amakabutura; mukohereza abahungu banyu mu mashuri ya ba Ricky, ndetse n'ibindi nk'ibyo, aho kimwe cya kabiri cyabo bagaruka murugo ari abatinganyi, ndetse n'ibindi.

132 Mwitegereze intego za Dawidi: yarimo azana isanduku y'isezerano iwe mu nzu ye. Ibyo ntabwo byari bihamye; aho ntabwo ariho hantu; yabaga iYerusalemu. Ariko Dawidi yarimo azana mu nzu ye bwite; yashakaga ububyutse ko buba mw'idini ye bwite. "Oh, niba uri assemble, nibyiza. Niba uri Oneness, nibyiza. Niba uri Umupantekote, ntacyo."

Kimwe ni umuntu uvuga, akavuga ati, "Mwenedata Branham, ni gute wabigenje ngo ubone umuntu wo kukumva?" Akagira ati, "Nshobora kubona Billy Graham; afite buri dini mu gihugu mu ruhande rwe. Nshobora kubona Oral Roberts; buri Mupantekote wese amwiziritseho." Ariko akavuga ati, "Wowe urwanya buri kintu cyose." Aravuga ati, "Ni gute mw'isi ubona n'umuntu umwe?"

Ndavuga nti, "Ni Imana."

"Njyewe Uwiteka narabateye mbere y'imfatiro z'isi. Nzabavomerera kumanywa na nijoro kugira ngo hatagira ubakura mu biganza Byanjye," Yesaya. "Nzabavomera; narabateye. Nashyize amazina yabo mu Gitabo mbere y'imfatiro z'isi kubwo kumenya mbere. Nzabavomerera; mukomeze imbere. Nzabazanira amazi; maze munyanyagizeho." Ni ukuri. Murabona? "Nzabavomerera kumanywa na nijoro kugira ngo hatagira ubakura mu kiganza Cyanjye." Oh, ngaho aho muri.

133 Yashakaga ko iza mu murwa wa Dawidi aho kuba iYerusalemu. Nta hantu hari hahari kubw'icyo gihe, mbese nkuko bimeze uyu munsi. Ubu bwiru bukomeye ubu bwahishuwe n'Ibimenyetso Birindwi, nta hantu hahari. Kandi idini iyo ariyo yose byayisaba kureka kuba idini kugira ngo ibyakire. Inzira yose kuva kuri Luteri kumanuka kugera ku Bapantekote ba Oneness, nta hantu hahari habyakira. Nta n'umuntu wabyakira ngo agume mw'idini ye. Bizamusaba gukurikira ingano cyangwa akajyana n'ibishishwa, kimwe muri byo ashaka.

134 Kristo ni Isanduku yacu, Ijambo. Bashaka amadini yabo. Ntabwo byashoboka (Mwitegereze.), ntabwo byahekwa kw'igare rishya ry'amadini igihe byakagombye kuba bihetswe kandi bije ku mutima w'umuhanuzi. Ntibyashoboka. Yarasezeranye, bizaba gutyo, kandi uko niko bigomba kuba.

niko amadini atazigera abyakira; nta nubwo bo bashobora kubyakira. Kandi bo ni impumyi kuri ibyo nkuko Abayahudi bari bameze igihe babambaga Yesu ku musaraba, igihe Yesu yavuze ati, "Data, ubababarire; nta nubwo bazi ibyo bakora." Ntukabaseke, ahubwo ujye ubasengera. Iyo uba uri muri iyo mimerere hamwe n'amaso yawe ahumye cyane aho udashobora kubyuka maze ureba ibiri kuba...

135 Niko badashobora kubona ibyo mu gihe ari Imana ubwayo, igihe Yari amanitse hariya ku musaraba,

kandi bo baririmba Zaburi ya 22 mu rusengero, metero maganabiri hirya y'aho, "Mana Yanjye, Mana Yanjye, n'iki Kikundekesheje? Batoboye ibirenge Byanjye n'ibiganza Byanjye. (Murabona?) amagufa Yanjye Yose, bankanurira amaso. Kubera iki Wandetse?" Kandi hari, iyo Mana imwe barimo baririmba, bari mpumyi bihagije kuburyo bari bamushyira ku musaraba, kandi ntibabimenya.

Noneho, ese Bibiliya ntiyavuze ko itorero rya Lawodokiya, iryo ritekereza ko rikomeye binyuze mu banyamuryango b'amadini, azaba yambaye ubusa, imbabare, umukene, impumyi, kandi batabizi? Ese impumyi bisobanuye iki? Impumyi bisobanuye kuri iri torero rya Lawodokiya kimwe n'uko byari kw'iherezo ry'itorero ry'abayahudi: bahumye kuri Kristo nyirizina uwo bashyize hanze, akomanga, agerageza kwinjira; bambaye ubusa, abatindi, abakene, imbabare, impumyi, kandi ntabwo babizi. O Mana, bagirire imbabazi.

136 Kubera iki ingano zidashobora gushyirwa Imbere y'uwo mucyo w'Umwana maze bakareba isaha turi kubamo? Yego, Kristo niwe Sanduku yacu, ariko uburyo Bwe bw'umwimerere bwo kubikora. Noneho hano We ari… Bafite Umwuka We umeze neza; ibyo turabizi. Bategereje Umwami, murabona umugambi We kw'Ijambo Rye ry'umwimerere mu gihe cyaryo kugira ngo rihamirizwe; ibyo nibyo twagakwiye kuba dukora kuri ubu. Kandi We—Yahishuye kwizera kwabo binyuze mw'Ijambo Rye, kumureba arimo ahamiriza buri mugambi uwo yasezeranye, atari gahunda y'umuntu wo mw'idini, atari ugushaka abagize isanduku yacu bwite.

Bafite isanduku y'Abametodiste, isanduku y'Ababatista, isanduku y'Abaperisebuteriyani; buri wese ajya muri iyi sanduku kubw'akarengane gakomeye kaje; "Icyubahiro kibe icy'Imana. Nabatijwe mw'isanduka y'Abametodiste, Abaperisebuteriyani, isanduku y'Abapantekote." Hari isanduku imwe gusa; uwo ni Yesu Kristo, kandi We ni Ijambo.

137 Mwitegereze, Imana yabwiye umuhanuzi, Iravuga ati, "urye umuzingo," mw'Isezerano rya Kera. Umuhanuzi wo mw'Isezerano rya Kera, aravuga ati, "Urye aka gatabo gato." Kubera iki? Kuko umuhanuzi n'Ijambo bizaba ikintu kimwe. Murabona? Iyo ni Isanduku, Ijambo ry'Imana.

Imana yasezeranyije Ijambo Ryayo, uburyo rizasohozwa n'uburyo rizasohora igihe izatoranya Umugeni Wayo, uburyo bizaba bimeze. Birimo kuba imbere yanyu, mw'Izina ry'Umwami, kandi iryo niryo Jambo ry'umwimerere. Ubutumwa bwa nimugoroba buri hano.

Ni bangahe bibuka Haywood igihe yanditse,

Hazabaho Umucyo mu gihe cya nimugoroba,

Inzira zijya mu Bwiza muzazibona nyakuri.

138 Yego, isezerano rya nimugoroba ry'Ibimenyetso Birindwi, ry'Ibyahishuwe 10, Malaki4, Luka 30 ni 10. Musome mu Gutegekwa kwa kabiri 4, 4:1 na 4, noneho umurongo wa 25 na 26, maze murebe icyo Yavuze kubijyanye n'iyi minsi yanyuma. Uyu yari Mose urimo ubwira Abayisiraheri kwitondera buri Jambo, ntukongereho ikintu na kimwe. Mose, uwo muhanuzi yari ari aho hejuru maze abona Ijambo ry'Imana. Kandi byari byamwandikiwe nuko bihamirizwa no kwandikwa n'ukuboko kw'Imana Ubwayo. Aravuga ati, "Witondere buri Jambo; ntukagire ikintu wongeraho kuri Ryo cyangwa ngo ugire icyo ukura kuri Ryo." Ushobora kubisoma ku murongo wa 25 na 26 mu Gutegekwa kwa kabiri 4.

Mwitegereze. Ntukongere kuri Ryo; ntugakure kuri Ryo; kubera ko niba ubikoze Imana izakura umugabane wawe muri iki Gitabo cy'ubuzima. God will take your part from the book of life. Kandi bizagaraza ko utari urubuto Rwe.

139 Mwibuke. Buri kintu cyose Imana yadusezeranije, buri kintu cyose Imana yavuze kuri twe, buri kintu cyose wabwiwe mw'Izina ry'Umwami, cyarabaye. Imana ntabwo yigeze narimwe ihindura isezerano ubusa, ahubwo yarinze buri sezerano yigeze Ivuga, kandi yaratubwiye, ibyo byabaye Ukuri muri iyi myaka makumyabiri, Shreveport. Nababwirije binyuze mu mbaraga z'Imana, kandi mu kubaha abapasteri banyu, uyu munsi ndabatangaho abahamya. Habe no kubagore bamaze gucura; abagabo, abana, indwara, gukira, ubuhanuzi, ibintu byagomba kubaho; nta kintu na kimwe cyigeze gitsindwa. Noneho, mujye kure y'ayo madini; barabajyana mu rupfu.

140 Samweli yari ahagaze umunsi umwe, maze aravuga ati, "Turashaka umwami; turashaka kuba nk'abasigaye bo mw'isi."

Muravuga muti… Samweli yaravuze ati, "ntimufate uriya mwami. Azafata abahungu n'abakobwa banyu, kandi azakora ibi na biriya."

Aravuga ati, "Yego, nziko uri mu kuri."

Ariko Samweli aravuga ati, "Mwumve. Nigeze ntwara amafaranga yanyu? Nigeze mbasaba ibintuga? Nigeze mbasaba ko mwampa umushahara runaka kugira ngo nkore amateraniro kubwanyu?" Noneho, mubitekerezeho ubwanyu, habe n'ubu. Murabona? Aravuga ati, "Nigeze mbabwira ikintu mw'Izina ry'Umwami uretse ibyasohoye?" Nta kintu na kimwe.

“Oh, yego, Samweli, ntabwo wigeze udusaba amafaranga; ntabwo wigeze usaba ibintu binini. Samweli, uko ni ukuri; kandi buri kintu watubwiye mw'Izina ry'Umwami cyarasohoye. Ariko, Samweli, turashaka amadini yacu uko biri kose.”

“Noneho mugende muyafate. N'ibyanyu.” Uko ni ukuri.

141 Ushobora gutekereza ko urimo gukorera Imana umurimo, ariko iyo ugiye hanze y'inzira y'Imana yo kubikoramo, uba ugiye kubivangavanga, gutyo gutyo. O torero ry'Imana ihoraho… Mumbabarire uburyo bwanjye bwa AbaIrlendais n'uburyo bwo gutebya, ariko ndi umunyakuri ndetse ndera mu mutima wanjye, mwe Assamble de Dieu, mwe Oneness, Presbyterian, Metodiste, icyo mwaba muricyo cyose, muhunge kubw'ubuzima bwanyu. Mwibuke, musohoke aho.

Ibihugu birasenyutse; Isiraheri irakangutse, (iritegura abo basigaye)

Ibimenyetso abahanuzi bavuze mbere;

Iminsi y'amadini irabaze hamwe n'ubwoba bwuzuyemo,

Mugaruke, Mwe mwazimiye, mugaruke ku banyu.

Iminsi yo gucungurwa iri hafi,

Imitima y'abantu ifite ubwoba,

Ube wuzuye Umwuka Wayo,

Itara ryawe ribe riteguwe neza,

Reba hejuru, gucungurwa kwawe kuri hafi. Ese wizeye ibyo? Turi mugihe cyanyuma, turi hano. Ikiganza cyandika kiri ku gikuta; kuza kwa kabiri kuri hafi; Umugeni arimo aratoranywa, kandi avomererwa, asohorwa.

142 Noneho, ibyo ntabwo bisobanuye gusohoka mw'itorero; ibyo bisobanuye gusohoka mu mikorere y'amadini. Ugomba kujya kw'itorero, ariko ntukagire idini narimwe ujyamo. Yesu yajyanye n'amadini yose, ariko Ntiyigeze agira narimwe ajyamo. Nta na rimwe yigeze ajya mu ruhande rwa rimwe muri yo, habe na gato, ariko Yari hagati muri bo. Aho niho Umucyo wagomba gukwira. Kandi mwe mugume aho muri, mukwize Umucyo. Murabona? Ibyo nibyo Imana ibakoresha. Abantu b'imitima ishonje, reka bamenye ko Kristo ari ukuri, Ameze uko Yari ameze ejo hashize, niko Ari uyu munsi, kandi niko azahora iteka.

143 Birashoboka ko umugabo cyangwa umugore hamwe n'ubunyakuri bwose, bagerageza gukorera Imana umurimo, ariko bakaba bakuruwe mu nzira itariyo. Hamwe no gusigwa k'ukuri k'Umwuka Wera kuri bo, ariko bagakururwa mu buryo bunyuranye n'umugambi w'Imana kuri icyo gisekuru, maze bakazambya ibintu byose. Noneho, niba wizera ko ibyo ari Ukuri, vuga uti, “Amena.” [Iteraniro riravuga riti, “Amena!”—Ed.] Turabisoma gusa. Byazambije ibintu byose kubwo kutaza mu nzira Imana yasezeranije ko bizakorwamo.

Reka dusenge.

144 O torero, hano no hakurya mu gihugu, mwumve umukozi wanyu uciye bugufi muri iki gitondo, ese murabikora? Reba aho mwari muri mu myaka mike ishize igihe ibi byatangiye bwa mbere. Noneho reba kwigana kwashyizwe hejuru kuri byo, kandi amamiliyoni na za miliyari z'amadorari zinjiye mu madini. Murabona? n'ubu baracyari kure y'Ijambo ry'Imana... Inyubako n'amashyirahamwe ntabwo ari bwo buryo Imana ikoresha Umwuka Wayo. Iwukoresha aho mw'Ijambo Ryayo kugira ngo irigire rizama. Kandi niba wari warateganirijwe iryo Jambo kuva ku kuremwa kw'isi, buri Jambo riza rikurikiye irindi Jambo. Kimwe n'uturemangingo tw'umuntu tudashobora kuvamo uturemangingo tw'umuntu, maze hanyuma ngo havemo uturemangingo tw'imbwa, nuko hanyuma hakurikireho utwinjangwe; tuzahora ari uturemangingo tw'umuntu. Ariko hagomba kuba akaremangingo ko gutangiriraho. Ese ibyo sibyo? Vuga, “Amena.” [Iteraniro riravuga riti, “Amena.”—Ed.] Nibyo, niba ryari akaremangingo k'Ijambo kuva mw'itangira, utundi turemangingo tw'Ijambo twarateganyijwe kugira ngo bikore umubiri wuzuye.

Ntimukabe abana, bibe gusa murukundo, ariko mube abagabo mu Mwuka no mu kubona ibintu. Mubyemeze ubwanyu niba narababwiye Ukuri cyangwa atariko. Mubirebe ubwanyu niba ari Ijambo ry'Imana cyangwa atariryo. Mubirebe ubwanyu niba ariyo saha cyangwa turimo kuvuga cyangwa atariyo. Murebe ubwanyu niba ibi bintu byarasezeranijwe. Noneho, ese byarahamirijwe? Binyuze mu bintu nta kiremwa muntu mw'isi cyashobora kubikora. Ariko byahindutse ibisanzwe hagati muri twe kugeza naho tureka bikadutambukaho. Mutegereze, torero, mutegereze.

145 Niba hari umwe uri hano muri iki gitondo uwo atazi Yesu Kristo, akaba ataratsindishirijwe muri iki gitondo, ibyaha byawe byose bikaba nkaho utigeze na rimwe ukora icyaha, kandi ukaba ushaka kuba muri ubwo buryo… Kubera ko mwibuke, umunsi umwe, ahari uyu munsi, ahari mu minota itanu ikurikiyeho, ariko umunsi umwe uwo mutima uzagira gutya uhagarare. Kandi aho imbere h'imbere hagira gutya haguruke

kugira ngo hajye guhagarara Imbere y'Imana kugira ngo hacirwe urubanza, ukurikije ubu butumwa urikubona. Oya... Ntabwo ari njye; njye ndi igikoresho cy'akanwa. Kimwe n'iyi microphone, ntabwo yavuga ikintu keretse nkivugiye muri yo. Kandi nanjye nsinshobora kugira ikintu mvuga keretse Imana ivugiye muri njye, ariko murabona guhamirizwa kw'Imana ko ari Ukuri. Urashaka kuba Umukristo w'ukuri.

Noneho, nta hantu dufite ho guhamagara abantu ngo baze ku gicaniro, ariko aho ku meza aho wicaye. Ahantu hano haruzuye kandi hari umubyigano, hasagutswe. Ntabwo nabahamagara kuza ku gicaniro; nta gicaniro kiri hano ngo mbahamagareho. Ariko igicaniro kiri mu mutima wawe. Ese wakwemerera uko kwemezwa gato ko "Yesu Kristo ari ukuri" uzamuke hejuru hafi uyu munsi kandi uhamagare ibisigaye by'Umubiri We kuri wowe, umucumbikire mu muvure w'umutima wawe? Niba Atari aho ari, ese wazamura ikiganza cyawe nk'ikimenyetso kuri We, ukavuga uti, "Mwami, nyuzuza, unyuzuze Ijambo Ryawe hamwe no kugaragara Kwawe, kugira ngo mbashe kubeshwaho na We...?"

146 Mugihe buri mutwe wubitse, buri jisho rihumirije, aho hose mu gihugu, muzamure ibiganza byanyu hano muri iri teraniro rigaragara naho hanze naho; kandi ndabasengera. Ibyo nibyo nashobora; ntabwo nabyuzuza. Imana ibahe umugisha. Ntabwo nabyuzuza. Imana ibahe umugisha, namwe. Imana ishobora kubuzuza. Imana ibahe umugisha. Ibiganza birazamuye hano hose muri iri teraniro rigaragara. "Ubuzuze. Unyuzuze, O Mwami. Unyuzuze." Kandi noneho, nyuma njye... Urakoze, mushiki wacu. Urakoze, mwenedata. Imana ibahe umugisha. mushiki wacu mukundwa, wowe. Nyuma... Ndatekereza noneho nageze ku by'ukuri hafi byose, nibyo ngerageza kuba; ndashaka kuzamura ikiganza hamwe namwe.

O Mwami, ntiwemere ko ngiraho aho mpagarara. Komeza, Mwami, ntureke ngira ikintu kimpagarika; reka nkomeze imbere, Mwami, kugeza ubwo nzasohoza buri kintu cyose icyo wangeneye gukora. Ntitaye ku giciro, ntitaye kucyo bizangomba, ntitaye ku kunegura, uko umusaraba waba ugoye kose, ndibuka umusara wikoreye.

Niko nzatwara umusara wawe

kugeza urupfu ruzambohora;

Noneho nkajya mu rugo, aho ikamba ryo kwambara riri,

Hari ikamba kubwanjye.

Ese Yesu akwiriye kwikorera umusaraba wenyine,

Naho isi yose ikagende ntacyo ihetse?

Oya, hari umusaraba kuri buri wese mu bana be,

hari umusaraba wanjye.

147 Mukundwa Mana, Ijambo ryasohotse. Ntabwo rizagaruka ubusa. Rizabona umwanya waryo ahantu runaka. Niba imbuto yaramaze guterwa, Rizayivomerera kugeza ikuze. Kandi nta numwe wayikura mu biganza byawe. "Abo Data Yampaye bazaza kuri Njye; nta muntu wabakura mu kiganza Cyanjye. Data yarabampaye mbere y'imfatiro z'isi"; igihe imigambi yose yategurwaga, kimwe nabyo, Yesu yahawe itorero Rye, Umugeni We.

Gushakana bipfuye hagati y'isi n'amadini. Mukaza mugapfira mw'isi; Waramucunguye; Uramutsindishiriza; ntabwo yigeze kubikora ku mwanya wa mbere. Yabiguyemo buhumyi. Kandi kimwe n'uko indirimbo ivuga:

Igihe kimwe nari nzimiye noneho narabonetse

Igihe kimwe nari muri Lawodokiya, impumyi, ariko noneho ndabona.

Kandi ni ubuntu bwigishije umutima wanjye gutinya,

Kubw'ubuntu nabohowe ubwoba;

Mbega uko ari ibyigiciro ko ubuntu bwabonetse

Isaha nabanje kwizera.

(Kandi amazi y'Imana yamanukiye ku bugingo bwanjye, nari numye.)

148 Mana, kuri iki gicaniro gito cya buri mutima uri hano no hirya no hino mu gihugu, reka amazi aturuka munsi y'igicaniro cy'Imana adudubize muri iki gitondo kw'itorero Ryawe; kandi ririvomerere, Mwami, kubw'iki gihe kirimo kurangira. Urihe ubuzima, Amazi y'Ubuzima, kugira ngo rishobore kuba imbere y'Umwana kugira ngo rikure rigere kw'isarurwa kubw'ikigega Cyawe kinini.

Data, ndabasengeye. Ariko ibishishwa bigomba kuma, ntabwo nabisengera; bigomba gupfa, uko niko

bipfuye. Ariko ndasenga kubw'ingano, Mwami, izo zirimo kwirema mu Mubiri wa Kristo. Biduhe, Mwami, kugira ngo ayo mazi afutse y'Imana atume ayo marira y'umunezero atemba ku matama kandi zisobanukirwe guhuza kuje kugira ngo kuzijyane mu rugo. Ni mw'Izina rya Yesu, byose ndabikweguriye, Mwami; ibisubizo n'ibyawe. Amena.

149 [Mushiki wacu mw'iteraniro atanga ubutumwa—Ed.] Amena. None Data, Mana, turagushimira. Kandi, Data, turasenga kubwa mushiki wacu muto, umukozi hano, kubw'intege ze. Ndimo ndatekereza kubw'igihe ubwo—nagiye imbere ye, uburyo Umwuka waje kuri we maze amuha ubutumwa bumwe n'ubwo Marayika w'Umwami yatanze ku mugezi uwo munsi: "Nkuko Yohana Umubatiza yoherejwe kugira ngo ategurize kuza kwa mbere k'Umwami Yesu, woherejwe guteguriza kuza kwa kabiri."

Kubona uko noneho ingano zirimo gufata ishusho, Mana, turagushimiye kubwa buri kintu Wakoze. Imitima yacu iruzuye kurusha uko twabivuga. Turumva twuzuye, Mwami; Ntabwo nzi uko navuga ikindi kintu. Ariko ndagushimiye, Data, nanone, kubw'ibyo wakoze byose kuri twe. Ni mw'Izina rya Yesu Kristo.

Ndamukunda,… (Reka tumuririmbire noneho; mwibuke, Ari hano.)

Kubera ko Ari we wabanjye kunkunda,

Kandi angurira agakiza kanjye

Ku musaraba ikaruvari.

150 Ese biratuma hari icyo wiyumvamo gato, gato cyane, byose bikuwemo, ese witeguye Umwuka? Murabona?

Fata ikiganza kidahinduka cy'Imana!

Fata ikiganza kidahinduka cy'Imana!

Wubakire ibyiringiro byawe kubintu by'iteka,

Fata ikiganza kidahinduka cy'Imana!

Ntukararikire ubutunzi bw'isi budafite icyo bumaze!

ubwo bwangirika vuba,

Wubakire ibyiringiro byawe kubintu by'iteka, (Nta dini, noneho)

Fata ikiganza kidahinduka cy'Imana!

Fata ikiganza kidahinduka cy'Imana!

Fata ikiganza kidahinduka cy'Imana!

Wubakire ibyiringiro byawe ku bintu by'iteka,

Fata ikiganza kidahinduka cy'Imana!

151 Nibangahe bagerageza gukora ibyo? Muzamure ikiganza cyanyu. Noneho, mwegere ameza; mushyire ikiganza mu kindi umwe ku wundi, nka gutya. Hamwe… Mushobora kwicara; Ibyo ni byiza, cyangwa icyo mwashaka gukora cyose. Mwumve neza. Reka turirimbire hamwe noneho. Ibi bigaragaza umurunga udacika w'urukundo rw'Imana. Turafatana mu kiganza umwe ku wundi kubera ko twizera mu Mana. Turafatanye umwe ku wundi kubera ko turi benedata na bashiki bacu, uwo Mwuka umwe utigisa, Ijambo ry'iteka ry'Imana rituye mu mitima yacu iyo igaragajwe.

Igihe urugendo rwacu rwuzuye,

Niba ku Mana twaraba abanyakuri

Twera kandi turabagirana aho murugo mu Bwiza,

Ubwo bugingo bwacu buzamuwe buzamurwa!

Fata ikiganza cy'imana kidahinduka!

Fata ikiganza cy'imana kidahinduka!

Wubakire ibyiringiro ku bintu by'Iteka,

Fata ikiganza cy'imana kidahinduka!

Fata ku Mana… (shyira ibitekerezo byawe kuri We.

Murabona? Aya niyo materaniro tugomba gukora mu minsi iza.)…

Ikiganza cy'Imana kidahinduka!

Wubakire ibyiringiro ku bintu by'Iteka,

(Ijambo n'icyo kintu cy'iteka.)

Fata ikiganza cy'imana kidahinduka!

Ntukararikire ubutunzi bw'isi budafite icyo bumaze…

(Kwamamara, amashuri)

Ibyo byangirika vuba cyane,

(Reba kuri ibyo uyu munsi, icyo bikoze.)

Ushakishe uko wabona ubutunzi bw'ijuru,

Ubwo butazigera bushira!

Fata ikiganza cy'imana kidahinduka!

Fata ikiganza cy'imana kidahinduka!

Wubakire ibyiringiro ku bintu by'iteka,

Fata ikiganza cy'imana kidahinduka!

152 [Mushiki wacu avuga mu ndimi. Mwenedata Branham atangira kuririmba bucece. Mushiki wacu atanga ubusobanuro—Ed.]

Mbega uko tugushimiye, Mwami. Mugihe turi muri uyu mwanya ukomeye, bimeze hafi nk'ikiriyo, ubwo turimo guhura no gushyingurwa ko gupfa, kw'isi ipfuye, irimo gupfa, itorero ripfuye.

O Mana, kusanya ingano zawe vuba, Data. Banguka vuba, Mwami Yesu. Uhe umugisha ubwoko Bwawe, Data, uzane ubunyakuri ndetse n'uburebure ku mitima y'abantu. Reka dusohoke muri izo mbyino zidafite akamaro, twicare hasi mu butunzi burebure bw'ubuki bw'Imana. Biduhe, Mwami. Urinde imitima yacu yujujwe urukundo n'ubunyakuri.

Uhe umugisha abantu bawe aho ariho hose, Data. Mu gihe turi kuva aha hantu reka tugende mw'Izina ry'Umwami Yesu tuvuga ibiri mu kuri, ibyo aribyo kuri, ibyo aribyo bikwiye; reka twirinde ibyo bipfuye, Mwami. Igihe umuntu atangiye kutubeshya, reka twihute kumutera umugongo, dutere umugongo imyanda yose, imikino ipfuye ndetse n'ibintu by'isi, kandi tubitere umugongo kandi twigendere. Dufashe, mukundwa Mana. Uducure, utureme, utumenagure, maze utureme mw'ishusho y'abahungu n'abakobwa b'Imana kugira ngo tubashe gukorera mu mbaraga z'Umwuka Wera. Turakwiyeguriye, hamwe n'ibiganza byacu umwe ku wundi, mw'Izina rya Yesu Kristo. Amena.

Reka duhaguruke. Mwenedata Noheli.

Ibibwiriza bya

William Marrion Branham

"…mu minsi y'ijwi …" Ibyah. 10:7

www.messagehub.info